12. Are the main actors aware of negative/destructive impact that the conflict will make upon them? Are the essential actors violent or non-violent?
13. What needs, interests, positions or concerns each party thinks as threatened?
14. What do the parties fear?
15. What impact does this conflict have on the relationship between the parties?
16. What stage has the conflict reached?
17. Based on the case, explain how the conflict has evolved into a stage where it is now
18. What's/re the remaining stage (s) for the conflict to get an end?

Chapter II- Mediation and Communication in conflictual issues

Objective: by the end of the chapter the trainees will have understood mediation and communication principles and practices.

Outcome: the trainees will acquire skills to use in conflict resolution and transformation

Duration: 1 day

Educational material: cases reflecting real-life situations.

Methodology: working in their groups, the trainees will discuss or answer questions pertaining to the cases.

Materials: notebooks, pens, flipcharts and markers.

Session 1: Mediation general principles and knowledge

Objective: by the end of the session the trainees will have comprehended the mediation general principles.

Resources: flipchart, marker, pens and notebooks.

Time: 1.30 hour

Methodology: the CRP/facilitator asks the participants in their groups to brainstorm/list the mediation principles. The facilitator guides them.

Session 2: Effective communication in the field of mediation

Objective: by the end of this session, the participants will have understood what effective communication is and be able to practice it.

Resources: flip chart & marker, pens and notebooks.

Time: 1 hour

Key note: the goal of this session is to demonstrate that it is through effective communication that conflicting parties move forward.

Methodology: the CRP/facilitator requests the participants to make groups. The CRP uses *Case No 2* on page 11 where she asks the participants ‘ groups to carefully listen to the case.

Session 3: Effective listening: effective communication skill # 1

Objective: by the end of this session, the participants will have understood behavior to adopt while listening to parties in disputes.

Resources: flip chart & marker, pens and notebooks.

Time: 1 hour

Key note: This session is intended to demonstrate how listening a central sphere in mediation remains.

Methodology: the CRP/facilitator asks the participants to make groups so that they can listen to the scenario *Case No 3* on page 12 in order to answer questions that will ensue from it.

Session 4: Managing stress- effective communication skill # 3

Objective: by the end of this session, the community dialogue participants helped by the CRP will have comprehended the importance of stress management in mediation.

Resources: flip chart & marker, pens and notebooks.

Time: 1 hour

Key note: the CRP requests the participants to re-join their groups.

Methodology: the participants will be presented *Case No 4* on page 13 to discuss in order to understand how stress can become a big hindrance in conflict mediation.

Session 5: Emotional awareness effective communication skill # 4

Objective: by the end of this session, the participants helped will have comprehended how emotional awareness fulfills an important role in mediation.

Resources: flip chart & marker, pens and notebooks.

Time: 1 hour

Key note: the CRP requests the participants to work in their groups.

Methodology: the participants will use *Case No 5* on page 14.

Objective: by the end of this session, the trainees will have understood the neutralizing language and how it positively affects mediation.

Resources: flip chart & marker, pens and notebooks.

Time: 1 hour

Key note: the CRP/facilitator requests the participants to work in their groups on *Case No 3* on page 12.

Handout 2 and cases

Mediation general principles:

- Neutrality/ impartiality;
- Having enough time for mediation;
- Being patient and non-hostility to both parties;
- Ability to analyze to comprehend the problem well;
- Keeping secrets/ private affairs confidential;
- Being truthful/ fair;
- Treating both parties equally;

General barriers for conflict resolution in mediation:

- Refusing to dialogue with a party conflicting with you;
- Parties' remaining stubborn in their positions;
- Shame from feeling that you lose the conflict;
- Behavior of both parties in conflict and notably bad behavior of the mediator;
- Intolerance of both parties;
- Mediator's partiality/ unfairness;
- Differing opinions, views and values and so forth;
- Definite/absolute unwillingness to reconcile.

Mediation stages

Step A:

1. Carefully listening to each party in conflict;
2. Asking/convincing each part to make a step for conflict resolution;
3. Choosing a venue accepted by both parties to talk;
4. Scheduling time that both parties can meet.

Step B

1. Preparing the venue;
2. Welcoming the conflicting parties;
3. Communicating them the objective/goal of the talks;
4. Requesting the parties to hold secret all that is going to be said.

Step C: Elucidating the origin of the conflict

1. Each party obtains a room to explain the origin of the conflict. While one party is speaking, the other party is listening carefully;
2. Listening to everyone even if they could be expressing themselves angrily;
3. Recording/writing both parties' ideas/points;
4. Analyzing the origin of the conflict;
5. Ascertaining whether the conflict is recent or ancient;
6. Understanding each party's problems/issues/questions well.

Step D: Seeking a solution to the conflict

1. Asking both parties action to take for the conflict to end;
2. Indicating a common point by both parties as a solution to the conflict;
3. The fact that both parties are to propose solution(s) is a norm;
4. Checking whether both parties actually agree about the proposed solution (s);

Step E: Signing the concluded agreement

1. Noting the agreement in a simple language for each party to understand;
2. Making an execution plan of things agreed upon;
3. Appointing a person in charge of implementation follow-up;
4. Reading the written account of the agreement/solution(s).

Effective communication in the field of mediation

Effective communication means the ability to express ourselves well, both verbally and non-verbally, being able to express both our *desires*, *opinions* and our *needs* as well as *fears*.

Effective communication occurs only when the *listener* clearly and correctly understands the message that the *speaker* intended to send.

Case No 2:

In a village live a man and his sister but their parents have died. Once the sister approached her brother and told him. "I wish you to share our parents' land with me because it is even stipulated by the law." Actually the man also knows the law. After receiving the message, he imagined his sister was not ready for any negotiation but instead prepared to accuse him if he dared to deny her the share; however, he adopted a defensive approach so that he told his sister to go to accuse him anywhere. They are now in severe conflict.

Groups' exercise:

Each group is going to examine the reason which has really complicated the request into a high deal. The objective of this exercise is to figure out whether the man has comprehended his sister's message as accurately/correctly as she initially intended. If not, each group will restructure the request.

Effective communication skills

1. Effective listening: A mediator's failure to listen rather than to hear can be fatal. Successful listening means not just understanding the words or the information being communicated, but also understanding how the speaker feels about what they're communicating.

Tips for effective listening

- **Prepare yourself; you have to quiet your mind.**
- **Focus fully on the speaker/take your time/maintain eye contact& attentive posture.** Don't do anything else than listening.
- **Avoid interrupting** or trying to redirect the conversation to your concerns.
- **Avoid judgments and assumptions.**

- Respect pauses as time for speakers to think, rather than as opportunities to reply.
- The speaker needs to use precise language.
- The speaker needs to concentrate on speaking only.
- Telling and seeking truth.

Case 3:

Jack and Jane are facing a land-related dispute. Peter is a person who is attempting to mediate between them. All the three people have gathered in a venue selected. Peter authorizes Jane to start presenting her complaint. While she is explaining her case, Peter is answering phone messages and even responding to calls. Peter isn't fully concentrated at this moment since thoughts pertaining to his business seeming to be going to close are coming to his mind from time to time. Jane raises the fundamental issue causing their dispute not to end, namely 'the reason is that Jack is so stupid that he doesn't care about other people's life. Jane finishes but without explaining what the dispute is. Jack is given an opportunity to talk. The same scenario on the side of the mediator persists. While responding to the insult made against him, Jack terms Jane as the most idiotic ever seen and by pure accident the mediator hears it and tells him to stop insulting. Seen this scenario, Jack immediately decides to quit the place.

Main questions:

What behavior causes this incident?

If it continues like this, explain whether the dispute will end or not.

How should it be done otherwise?

2. Managing stress

How many times have you felt stressed during a disagreement with your spouse, kids, boss, friends, or coworkers and then said or done something you later regretted?

When stress becomes constant and overwhelming, it can hinder effective communication by disrupting your capacity to think clearly and creatively, and act appropriately. When you're *stressed*, you're more likely to *misread other people, send confusing or off-putting nonverbal signals, and lapse into unhealthy knee-jerk patterns of behavior.*

Case No 4

A man and his wife are disagreeing about sale of their land. The man wishes to do so while the wife doesn't. They decide to approach their neighbor to help them to resolve their issue. The neighbor is in such high turmoil relationship with his wife so that this causes him suffer from a headache. While the wife is presenting her opinions, the neighbor is appearing not be following. Because of high stress hovering over the wife because of the situation; she gets angry and tells the mediator that he doesn't wish their case to get. In addition to his bad relationship with his wife, the wife's words make the mediator so excited that he also responds unthoughtfully. The wife views the mediator as biased person. She decides to leave.

Questions

1. Establish a link between the mediator's behavior and his relationship with his wife
2. How should the mediator act?

3. Emotional awareness:

On one hand, conflict and emotions go hand-in-hand. A mediator needs to deal with emotions connected to the parties' dispute.

Acknowledging emotions

Do say: you seem really upset/ it sounds like you have been frustrated for years.

Don't say: I would be upset too if I encountered such a problem/ I understand how frustrating it is.

Case No 5:

There was once a cow that ran through the middle of a village. Members of the community who were sitting on the left side said they saw a red cow pass. Those who were sitting on the right side said they saw a yellow cow. After the cow passed, each group began to describe to the other the color of the cow they saw. There was a heated disagreement between the groups over the true identity of the cow the two groups saw different colors, depending on where they were sitting. Each group turned so angry, affirming the other group members were more than blind. The groups were about to fight when a person intervened and mediated between.

Question:

Suppose you are the mediator, how are you going to manage this issue; bearing in mind the emotion of anger which has worsened the conflict?

Session 6- Neutralizing language

Parties to mediation often are upset and may use inflammatory language. Requiring the parties to refrain from using blaming, angry, adversarial words as a ground rule for mediation might sanitize the atmosphere to the point that an honest exchange of thoughts and emotions becomes impossible. However, the mediator must refrain from using such language.

Example:

Party: She is an untrustworthy liar and would take advantage of her own mother.

Mediator: You are concerned with being treated fairly and honestly.

Case No 3

Exercise: How can you neutralize the language used in this case, as a mediator? Do it in your groups.

Conflict transformation, peacebuilding and truth

Conflict transformation suggests that left alone, conflict can cause destructive consequences. However, the consequences can be modified by transforming perceptions of issues, actions, and other people or groups. It suggests that each group gain an accurate understanding of the other one.

Transformation also involves activism important in early stages of a conflict to raise people's awareness of an issue. Thus activism uses *non-violent advocacy*. Once awareness and concern is generated, then **mediation** can be used to transform the expression of conflict from "mutually destructive modes toward *dialogue* and *interdependence*. *Conflict transformation occurs through the recognition of fear, anger, grief, and bitterness. These emotions must be outwardly acknowledged and handled in order for effective conflict transformation to occur.* Peacemaking and conflict transformation are notably predicated on truth, mercy and justice. *In an interdependent relationship everybody must win, or everybody will lose. Conflict transformation is about the awareness that the future is for both/all of us.*

Case No 1.

Questions:

1. What's the role and weight of thoughts, emotions, feelings and attitudes (unhappiness, fear, jealousy, etc) in driving the actors to behave how they are doing?
2. Are the actors aware of those emotions, feelings and attitudes as far as conflict is concerned or they ignore them?
3. How can the thoughts, emotions, feelings and attitudes be modified/transformed/changed/controlled to get out of the conflict?
4. The conflict is continuing to get worse and worse as well as more destructive and destructive; which can impact upon both parties extremely negatively like killing.

How can this bad be exploited to change the parties' perceptions, thoughts, emotions, feelings and attitudes held about each other in order to attain effective conflict transformation?

5. What approaches/channels to use for the parties to achieve peaceful agreement?
6. What values to be founded on so as to arrive at the agreement?
7. How much time do we estimate that we will have accomplished our task?
8. What do we have to do if either/both of them is/are unwilling to enter the process of seeking a remedy for the conflict?
9. The central opposition point of the conflict is land which Senior Wife is legally entitled to possess and which Junior Wife is determined to share at any costs; how to transform the land from a cause of conflict into a reason for conflict transformation leading to peaceful coexistence of the parties?
10. Both wives need to live; they need to share the beauties of the future. They both have children who share the same father; this signifies there is a certain kind of interdependence/ interrelation or need to live together? Should the one piece of land actually be a reason for them to maintain the hatred visible between them? The husband loves both Junior Wife and Senior Wife. He isn't ready to lose either of them. Yes, the law defends the Senior Wife; has it been able to solve the problem? Why has it failed? What should be done to transform this conflict?

N.B: this module contains both all necessary materials/skills that the SFCG trainer/ facilitator will impart to the CRPs and that the latter ones will use to lead community dialogues. Yet, the community dialogues will be based on /inspired by this module and the one on the core legal skills.

Community Dialogue Module (Kinyarwanda)

Igice cya I- Amakimbirane

Integanyagisho/Module

Intego:

1. Iki gice cya 1 kizarangira, abagikurikiranye basobanukiwe intandaro z' amakimbirane, ingaruka mbi z' amakimbirane, ingeri z' amakimbirane, n'inzira amakimbirane acamo ngo abeho
2. Ku musozo w'iki gice, abagikurikiranye bazaba banasobanukiwe uko basesengura amakimbirane mu rwego rwo kuyakemura.

Umusaruro witezwe: Abazakurikirana iki gice bazabona ubumenyi bazifashisha mu kuyobora ibiganiro iwabo bigamije gukemura amakimbirane ashingiye ku butaka.

Igihe: Iki gice cya mbere kizigishwa umunsi 1

Uburyo n'ibikoresho bizifashishwa: Nyuma y'uko isomo runaka risobanuwe mu magambo, abahugurwa bazajya bahabwa umwitozo/urugero rubafasha kumva neza kurusha iryo somo. Abahugurwa bazakora amatsinda. Ibikoresho bizifashishwa ni amakaramu, amakayi, za marker na flipchart.

Umwitozo: *Inkuru mpamo: Urugero/ Case No 1 ku ipaji ya 6.*

Ingingo ya 1: Gufungura (introduction)

Umufashamyumvire/uhugura (CRP/facilitator) amaze gutegura aho azahurira n'abazitabira ibiganiro/amahugurwa, ahita atumira abazitabira amahugurwa/ibiganiro. Ababwira aho bazakorera, intego nyamukuru y'ikiganiro, igihe cyo kuhagerera no gusoza.

Igihe CRP yatanze agomba kuba yamaze kugera aho bari buteranire. Iyo igihe cyo gutangira kigeze, CRP atangira yivuga uwo ari we, hanyuma agasuhuzza ndetse akanashimira abitabiriye ibiganiro/amahugurwa ku bwitabbire bwabo. CRP akomeza, avuga muri make ku mushinga, uruhare rwe mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga, akamaro n'inyungu umushinga ufitiye abantu n'uruhare rw'abitabiriye ibiganiro/amahugurwa kugira ngo umushinga uzagere ku ntego zawo. CRP ashobora kubaza abitabiye kumubaza ikibazo cy'amatsiko, kiramutse gihari. Nta gihari, CRP akomereza ku gikorwa cyo guha urubuga abitabiye na bo bakivuga abo bari bo, bakanavuga aho baje baturutse; cyeretse abari aho bose baziranye ni bwo wenda bitaba ngombwa ko bivuga. Abitabiye bicara mu ruziga cyangwa mu bundi buryo babona bubanyuze. Nyuma yo kumenyana, igikorwa nyirizina cyabazanye gihita gitangira.

Igihe: Kino gikorwa cyo cyo kwibwirana/kumenyana no gusobanura ikibagenza kimara iminota 10.

Ingingo 2: Kugaragaza amakimbirane ashingiye ku butaka

Intego: Iki gikorwa kizarangira, abitabiye ibiganiro/amahugurwa babashije kugaragaza/kurondora amakimbirane yo mu ngo/ miryango, agaragaramo abagore, bazi iwabo.

Ibikoresho: flip chart, marker, amakayi n'amakaramu.

Igihe iki gikorwa kimara: Iminota 20.

Amabwiriza muri iki gikorwa:CRP aca abitabiye mo amatsinda y'abantu nka 5, rimwe rimwe, ashingiye ku nshingano zabo iwabo. Urugero nk'itsinda rikaba ririmo umwunzi, umukuru w'umudugudu, aho kuba abunzi gusa bakora itsinda rimwe.

Uko gikorwa: CRP asaba buri tsinda gushyiraho umuyobozi waryo n'umwanditsi. Hanyuma ahe umwanditsi ikayi n'ikaramu. CRP noneho abasabe kuvuga amakimbirane bazi iwabo, umwanditsi aje ayandika. Umuyobozi w'itsinda ni we uzajya aha umwanya ugiye kuvuga kugira ngo iki gikorwa kigende neza.

Amatsinda yose narangiza gushyira ku rutonde amakimbirane, buri tsinda rizahabwa umwanya wo kuvuga amakimbirane ryabonye, CRP ayandika kuri flipchart.

Ingingo ya 3: Urutonde rwa ya makimbirane, hashingiwe ku buremere bwayo

Intego: Muri iki gikorwa, abitabiye ibiganiro, bazatondeka ya makimbirane; bahereye ku kuntu ayo makimbirane yihutirwa ku byerekeye kuyakemura.

Ibikoresho: flip chart & marker.

Igihe: Iminota 25

Uburyo: Nk'uko ya makimbirane yanditswe kuri flipchart, CRP mbere na mbere asaba buri tsinda gutondeka amakimbirane ryabonye, rikurikije uburemere bwayo; CRP aba yandika kuri flipchart.

Urugero CRP ashobora kugira ati: 'Itsinda A ni ikihe kibazo mubona cyihutirwa kurusha ibindi ku buryo kigomba kuba icya 1 mu gushakirwa umuti?' CRP agakomeza kugeza urutonde rurangiye.

Hanyuma hazakorwa urutonde rusange rw'ayo makimbirane (consolidated prioritization).

Ingingo ya 4: Isesengurwa rya ya makimbirane

Intego: Muri iki gikorwa, abitabiye ibiganiro bafashijwe na CRP bazasesengura ya makimbirane kugira ngo basobanukirwe imiterere yayo, impamvu zayo, ingaruka zayo, abayarimo ndetse no kugira ngo bagaragaze umuti wayo.

Ibikoresho: flip chart & marker, amakaramu n'amakaye

Igihe: amasaha 2

Icyitonderwa: CRP asaba abitabiye gukorera mu matsinda iki gikorwa. Umwanditsi aba yandika. Umuyobozi w'itsinda agafasha itsinda kugira gahunda ituma iki gikorwa kigenda neza.

Uko gikorwa: CRP asaba buri tsinda gusesengura amakimbirane ryabonye, rigaragaza imiterer y'ayo makimbirane, intandaro, ingaruka, abagaragara muri ayo matsinda n'umuti ushobora kuvakemura.

Ubumenyi ku makimbirane:

1. Intandaro zikunda gutera amakimbirane

- ✓ Kunanirwa gutanga ubutumwa (miscommunication) ngo abo ushaka kubugezaho basobanukirwe neza ibyo ukeneye, intego zawe, ibitekerezo byawe, indangagaciro zawe nk'uko wifuzaga ko babyumva;
- ✓ Kuba abo ugenera ubutumwa nta makuru y'ukuri bafite ku bitekerezo byawe, ibyifuzo byawe, ...;
- ✓ Kumva ko kuba abantu bagize ibyo batumvikanaho bizahungabanya inyungu zabo, mbese bizabateza ingorane, ibyo bakeneye ntibabigereho;
- ✓ Kuba umutungo muke uhari udasaranganyijwe ku buryo bungana cyangwa bunyuze mu kuri;
- ✓ Kuba abantu badahura ngo baganire ku bibazo byabo cyangwa se n'iyi baba baganira ariko ntibibe ari ibiganiro byimbitse (little or no communication/poor communication);
- ✓ Amakimbirane aba yarigeze kubaho ariko ntakemuke;
- ✓ Imitungo cyane cyane ubutaka iyo budasaranganyijwe neza;
- ✓ Ukwikunda;
- ✓ Ubukene;
- ✓ Ukutumva ibintu kimwe.

2. Ingaruka mbi z'amakimbirane ku mpande zombi zishyamiranye^{Iyo amakimbirane adakemuwe hakiri kare, ahubwo agakomeza kwenyegazwa; agira ingaruka mbi cyane kuko:}

- Abangamira bikomeye impande zombi zishyamiranye;
- akomeza gukongeza umwuka mubi hagati y'impande zihanganye;
- akomeza kuzamura urwango hagati y'impande zombi;
- arangwa n'ibikorwa bibi (by'urugomo nko kurwana, gutukana, guhigirana, yewe no kwicana n'ibindi bibuza amahoro

3. Imyifatire inyuranye abafitanye amakimbirane bagira

- **Guhangana (competing):** impande zihanganye zihitamo kujya mu mitsi kugira ngo haboneke utsinze n'utsinzwe (imbwa n'umugabo). Ubu ni uburyo burangwa no gukoresha ingufu n'amagambo mabi kandi akarishye, aho buri ruhande ruba rushishikajwe n'inyungu zarwo gusa. Muri ubu buryo umubano mwiza hagati y'izo mpande zombi ntacyo uba uvuze;
- **Kuyoboka (accommodation):** uruhande rumwe mu zihanganye rufata icyemezo cyo guhara bimwe mu byo rwari rutunze kugira ngo rubashe kubana n'urundi bari bahanganye;
- **Kwirinda/kwihunza ikibazo(avoiding):** impande zombi zihanganye zirinda guhangana/kujya mu mitsi mu gukemura amakimbirane. Cyakora ikibazo cyo ntaho kiba cyagiye, ahubwo kubera ko baba bacyihungije, hari ubwo kigenda gikura kugeza ubwo gukomeza kucyirengagiza biba bitagishoboka;
- **Kugabana (compromising):** impande zombi zihanganye zihitamo kugabana inyungu zishamikiye ku cyo zapfaga. Cyakoze aha n'ubundi buri ruhande rukomeza gutsimbarara ku kuntu rubona ibintu;

- **Ubwumvikane (collaborating):** impande zombi zifata umugambi wo gukorera hamwe kugira ngo zitangiza imibanire yazo, ibyo ariko bakabikora babyumvikanyeho nta buryarya. Aha buri ruhande rwumva rutsinze (win-win situation).

4. Amoko/ingeri z'amakimbirane n'inzego zayo

10. **Igihe cy'amahoro:** mbese nta makimbirane nta n'ikimenyetso cy'uko ashobora kwaduka.
11. **Amakimbirane asinziye (latent conflict)** ni amakimbirane yihishe cyangwa yiyumanganije ariko abura gato ngo ahite aturika. Iki gihe haba hagaragara ibimenyetso byayo.
12. **Amakimbirane atutumba (felt conflict):** impande zihanganye ziba zatangiye gushyiraho ingamba zizatuma zigera ku cyo zifuzza.
13. **Amakimbirane yaturitse/yasandaye (manifest conflict).**
14. **Amakimbirane yafashe indi ntera (Escalation).** Aha abandi bantu biyongera kuri za mpande zihanganye baba batangiye kwinjiramo; bikazambya ibintu kurushaho.
15. **Amakimbirane ageze ku rwego rwa nyuma rubi (stalemate stage)-** aha ni ho hantu habi cyane, nta ruhande na rumwe ruba ruzi uko bizagenda, nta na rumwe ruba rwizewe insinzi. Hano dore ko abantu benshi baba baramaze kwinjira mu makimbirane, buri umwe aba abona uwo badasangiye ibitekerezo nk'umwanzi mubi cyane.
16. **Amakimbirane atangiye kugabanya ubukana (de-escalation)-** kuri iyi ntera, buri ruhande ruba rwumva noneho habaho imishyikirano, ndetse guhera ubwo imishyikirano igatangira kugira ngo barebe uko basohoka muri ayo makimbirane.
17. **Amakimbirane ageze ku musozo (settlement or resolution)-** aha impande zombi ziba zabonye umuti w'amakimbirane.
18. **Amakimbirane yarangiye, hariho gahunda z'ubwiyunge no kubaka amahoro ku mpande zombi.**

5. Gusesengura amakimbirane

Isesengurwa ry'amakimbirane rishingira ahanini ku bantu bafite aho bahuriye n'amakimbirane. Abanfite aho bahuriye n'amakimbirane ni abantu bose bafite uruhare mu makimbirane ndetse bakaba bagerwaho n'ingaruka zayo.

Ibibazo by'ingenzi byo kwibandaho mu gusesengura abantu baboneka mu makimbirane:

13. Ni bande bantu b'ifatizo ry'amakimbirane ariho?
14. Ni abahe bandi batari ifatizo ariko bayafitemo cg bashobora kuyagiramo uruhare?
Urugero : abo mu miryango y'abakimbirana, abana, incuti, abaturanyi, inzego z'ubuyobozi, amadini,....
15. Ni izihe nyungu z'ibanze zibashishikaje muri ayo makimbirane? Bahagaze mu wuhe mwanya cg bafite cyifuzo ki ? Bafite ntego ki ? Bafite bushobozi ki ? Bafitanye irihe sano?
16. Ni izihe nzego ziriho zishoborwa kwifashishwa mu gukemura ayo makimbirane?
17. Ni bande bantu baboneka muri ayo makimbirane bashobora kubangamira gahunda y'ikemurwa ryayo? Kuki bashobora kubangama.

18. Ni bande bagerwaho n'ingaruka z' ako kanya kubera ayo makimbirane? Urugero: Umugabo, umugore, abana. Gute? Kuki?
19. Ni bande bandi bahura n'ingaruka z' ayo makimbirane ari ko zitari iz'ako kanya? Urugero: Abagize imiryango y' abakimbirana, incuti.
20. Ni bande bari gukongeza ayo makimbirane ku buryo butaziguye (direct), nta guca ku ruhande? Urugero : abagize umuryango/imiryango, abana, incuti, ubuyobozi.
21. Ni bande bahembera amakimbirane ku buryo buziguye (indirect)? Urugero: Ubuyobozi, abaturanyi.
22. Zaba ari izihe mpamvu zituma abafite uruhare mu makimbirane cyane cyane abashyamiranye bakomeza kwenyegaza amakimbirane ? Urugero ku ba nta bumenyi cyangwa amakuru ahagije ku cyo bapfa? Kuba nta mategeko bazi. Kuba umwe afite ubushobozi kurusha undi? Kuba inzego zishinzwe gukemura ikibazo ntacyo zikora.
23. Ni bande bumva bafite ubushake bwo gushyikirana/kuganira bagashakira umuti uhamye amakimbirane? Ni bande bumva badafite ubwo bushake? Kubera iki bimeze bityo?
24. Ab'ifatizo ry' ayo makimbirane baba bazi ingaruka mbi cyane ayo makimbirane abafiteho cyangwa azabagiraho? Baba bakoresha uburyo bw'intambara (urugomo/violence) mu bikorwa n'amagambo cyangwa kimwe muri byo kugira ngo babonere umuti ibibazo byabo? Barakoresha uburyo bw'amahoro, ni ukuvuga ibikorwa n'amagambo bidashobora kugira uwo bihungabanya/bibangamira?

Urugero/Case No1:

Inkuru mpamo yo mu gace kamwe k'u Rwanda yo kwifashisha mu gusesengura amakimbirane:

Umugabo afite abagore 2, umwe bakaba barasezeranye byemewe n'amategeko, undi nyine ntibasezeranye. Buri mugore afite abana 4 yabyaranye n'uwo mugabo. Umugore w'isezerano afite imirima 4 mu gihe umuto afite imirima 2. Nk'uko itegeko ribimwemerera, umugore w'isezerano afite uburenganzira ku mutungo wose wahashywe n'umugabo . Mu by'ukuri uyu mugore muto yafatanyije n'uyu mugabo kugira ngo ino mirima 2 igurwe. Ariko n'ubwo bimeze bityo umugore mukuru ayifiteho uburenganzira kuko yasezeranye ivangamutungo n'umugabo. Cyakoze uyu mugore w'isezerano ntabwo yigeze agaragaza ikibazo na kimwe kuri iyo mirima kuko yumva byanze bikunze uno mugore na we akeneye kubaho, akanatunga abana be kandi umugore mukuru akaba abona nyine iyo mirima 2 ari yo ahanini igomba kubafasha kubaho. Ahubwo umugore muto ni we wazamuye ikirego, ni ko kugana urukiko. Atarabyara umwana wa 4 ariko nta kibazo cyari cyarigeze kivuka. Umugore muto arashaka kunganya imirima na mukeba kuko bombi banamunganya abana. Ibyo kunganya imirima ngo ni uko bafite umubare ungana w'abana barera, umugore mukuru ntabwozwa habe na gato. Rushingiye ku itegeko, urukiko rwemeje ko umugore muto atsinzwe bidashoborwaho, ko ahubwo umugore mukuru nk'umugore w'isezerano ari umunyempuhwe kuba ataranamwambura n'iriya mirima 2 kubera ko abifitiye uburenganzira. Umugore mukuru yanzejwe n'umwanzuro w'urukiko maze umuto we ararakara bikomeye cyane.

Uno mugore muto yiyemeza gukora ibishoboka byose ariko ibyifuzo bye bigasohora. Ubu uno mugore asigaye yumva atagifite ubushobozi bwo gutunga abana be. Umugore muto atekereza ko

mukeba we yifuza ko we n’abana be bicwa n’inzara. Umukuru we akumva mukeba we agamije kumwambura amasambu ndetse nta n’uburenganzira ayafiteho. Ni byo, urukiko rwemeje ko umugore muto nta burenganzira afite bwo gusaba ko agabana n’umukuru. Nyamara ariko nk’umuti kuri iki kibazo, umugore muto yahisemo kutazongera guhinga nay a masambu 2 afite. Umukuru arahinga, umuto akajya gusarura. Ubuyobozi bwinjiye mu kibazo burananirwa. Nyamugore muto aba avuga ati: “Na jye ndi umugore w’uyu mugabo kandi aranyemera. Mwa bayobozi mwe muvuga ngo si ndi umugore w’isezerano, ni nde muri mwe ufite uburenganzira bwo kunyirukana iwanjye? Mukeba wanjye azahinga nsarure, ngaburire abana nabyaranye n’uyu mugabo we ari we mugabo wanjye na jye. Yanyimye isambu yo guhinga ngo mbagaburire, ubwo rero yiyemeje kubahingira nkabagaburira. Ni abana b’umugabo we kandi. Nta yandi mahitamo.”

Ibibazo byo kwfashisha mu gusesengura ano makimbirane

1. Ni bande bantu b’ifatizo muri ano makimbirane ?
2. Ni abahe bandi batari ifatizo ariko bayafitemo cg bashobora kuyagiramo uruhare?
3. Ni izihe nyungu z’ibanze zibashishikaje muri ayo makimbirane? Bahagaze mu wuhe mwanya cg bafite cyifuzo ki ? Bafite ntego ki ? Bafite bushobozi ki ? Bafitanye irihe sano?
4. Ni izihe nzego ziriho zishoborwa kwifashishwa mu gukemura ayo makimbirane?
5. Ni bande bantu bashobora kubangamira gahunda y’ikemurwa ry’aya makimbirane? Kuki bashobora kubangama.
6. Ni bande bagerwaho n’ingaruka z’ ako kanya kubera ayo makimbirane?
7. Ni bande bandi bari guhura n’ingaruka z’ayo makimbirane ari ko zitari iz’ako kanya?
8. Ni bande bari gukongeza aya makimbirane ku buryo butaziguye (direct), nta guca ku ruhande?
9. Ni bande bahembera aya makimbirane ku buryo buziguye (indirect)?
10. Zaba ari izihe mpamvu zituma abafite uruhare mu makimbirane cyane cyane abashyamiranye bakomeza kwenyeyegeza amakimbirane ?
11. Ni bande bumva bafite ubushake bwo gushyikirana/kuganira bagashakira umuti uhamye amakimbirane? Ni bande bumva badafite ubwo bushake? Kubera iki bimeze bityo?
12. Abantu b’ifatizo ry’aya makimbirane baba bazi ingaruka mbi cyane ayo makimbirane abafiteho cyangwa azabagiraho? Baba bakoresha uburyo bw’intambara (urugomo/violence) mu bikorwa n’amagambo cyangwa kimwe muri byo kugira ngo babonere umuti ibibazo byabo? Barakoresha uburyo bw’amahoro, ni ukuvuga ibikorwa n’amagambo bidashobora kugira uwo bihungabanya/bibangamira ?
13. Bano bantu b’ifatizo ry’aya makimbirane bafite bwoba/ mpungenge ki?
14. Ano makimbirane yaba amaze kugera ku yihe ntera/rwego? Urabona habura uruhe rwego ngo arangire?
15. Muri make, wavuga ko aya makimbirane yagiye akura ate?

Igice cya II- Ubuhuza n'ubwumvane (mediation & effective communication) mu gukemura amakimbirane

Intego: Iki gice kizarangira, abagukurikiranye basobanukiwe icyo ubuhuza n'ubwumvane ari cyo n'amahame abugenga hamwe n'uko bazajya babukoresha mu gukemura amakimbirane.

Umusaruro witezwe: Abazakurikirana iki gice bazahabwa ubumenyi buzabafasha gukemura no guhindura amakimbirane

Igihe: Umunsi umwe.

Imfashanyigisho: Ingero z'ibibazo bisanzwe bibaho (real-life situation cases).

Imitangire y'iki gice: Bakorera mu matsinda yabo, abitabiye iki gice bazaganira ndeste banasubize ibibazo bishamikiye kuri izo ngero/myitozo

Ibikoresho: amakayi, amakaramu, flipchart na marker.

Isomo rya 1 : Amahame n'ubumenyi rusange by'ubuhuza

Intego: ikigamije ni uko abazitabira iri somo bazasobanukirwa amahame rusange agenga ubuhuza.

Ibikoresho: flipchart, marker, amakaramu n'amakayi

Igihe: 1h.30

Imitangire y'isomo: CRP/Uhugura asaba abaryitabiye gukora urutonde rw'amahame bumva agomba kugenga ubuhuza. Ibi babikorera muri ya matsinda yabo.

Isomo rya 2: Ubwumvane mu rwego rw'ubuhuza

Intego: Iri somo rizarangira, abarikurikiye basobanukiwe icyo ubwumvane ari cyo n'uko bazabukoresha mu gukemura amakimbirane mu mahoro.

Ibikoresho: flipchart & marker, amakaramu n'amakayi.

Igihe: 1 h

Icy'ibanze mu iri somo: Kugaragaza ko ari ubwumvane butuma abashyamiranye babasha gutera intambwe, bagasohoka mu makimbirane bafitanye.

Imitangire y'isomo: CRP/Uhugura asaba abitabiye gukorera muri ya matsinda, hanyuma akabasaba gusoma cyangwa kumva neza *Urugero/Case No 2 ku ipaji ya 13*

Isomo rya 3: Gutega amatwi: ihame No 1 mu bwumvane

Intego: Mu mpera z'iri somo, abarikurikiranye bazaba basobanukiwe imyitwarire umuhuza agomba kugira igihe ateze amatwi impande zombie zishyamiranye.

Ibikoresho: flip chart & marker, amakaramu n'amakayi.

Igihe: 1 h

Icy'ibanze muri iri somo: Kwerekana ukuntu gutega amatwi ari urufunguzo rwo gukemura amakimbirane umuhuza agomba gutunga.

Imitangire y'isomo: CRP/Uhugura asaba abitabiye gusoma cg kumva *Urugero/Case No 3 ku ipaji ya 14*. Kugira ngo basuzo ibibazo birushingiyeho. Bikorerwa n'ubundi mu matsinda.

Isomo rya 4: Guhangana n'umuhangayiko (stress) nk'ihame No 2 mu bwumvane

Intego: Iri somo rigamije gutuma abaryitabiye basobanukirwa ko imihangayiko (stress) ikomoka ku bibazo byo mu buzima bwa buri muni ishobora kubangamira gahunda y'ubuhuza n'ukuntu bazajya bahangana na stress mu gihe bari guhuza impande zihanganye.

Ibikoresho: flip chart & marker, amakaramu n'amakayi.

Igihe: 1 h

Imitangire y'isomo: Abitabiye bari mu matsinda yabo, bazahabwa *Urugero/Case No 4 ku ipaji ya 15* baruganireho kugira ngo bumve uko umuhangayiko ushobora kubangamira bikomeye ubuhuza.

Isomo rya 5: Kuyobora amarangamutima (emotions)- ihame No 3 mu bwumvane

Intego: Abazakurikira iri somo bazasobanukirwa uko ububasha bwo kuyobora amarangamutima aho kuyoborwa na yo bugira uruhare runini mu buhuza

Ibikoresho: flip chart & marker, amakaramu n'amakayi.

Igihe: 1 h

Imitangire y'isomo: Abaryitabiye, mu matsinda yabo, bazifashisha *Urugero/Case No 5 ku ipaji ya 16* maze basubize ibibazo bijyanye.

Isomo rya 6: Ururimi ntakazabukana/neutralizing language

Intego: Abakurikirana iri somo bazasobanukirwa ururimi ntakazabukana n'ukuntu rugira ingaruka nziza mu gikorwa ryo guhuza abantu.

Ibikoresho: flip chart & marker, amakaramu n'amakayi.

Igihe: 1 h

Imitangire y'isomo: CRP/Uhugura asaba abitabiye kwifashisha *Urugero/Case No 3 ku ipaji ya 14*.

Ubumenyi ku buhuza n'ingeri/imyitozo bijyanye:

1. Amahame rusange agenga umuhuza

- Kutabogama;
- Kwemerwa n'impande zombi;
- Kuba afite igihe gihagije yageneye igikorwa cy'ubuhuza;
- Kwihangana ntangire uruhande na rumwe utombokera ;

- Kuba azi gusesengura ngo yumve neza imitere y'ikibazo;
- Kubika/kugira ibanga/ Kutagenda atangaza ibyavuzwe n'abahanganye;
- Kuba avugisha ukuri/ari umunyakuri;
- Gufata impande zombi kimwe;
- Kudakorera inyungu ze ku giti cye ahubwo ari ku nyungu z'abahanganye;
- Kuba ababajwe n'uko impande zombie zishyamiranye zitumvikana.

Imbogamizi muri rusange zituma gahunda y'ubuhuza idashoboka:

- Kwanga kuganira n'uwo mufitanye ikibazo;
- Kutava ku izima kw'abashyamiranye;
- Ipfunwe ryaterwa no kumva ko utsinzwe;
- Imyitwarire y'impande zombi zihanganye ariko na none imyitwarire idahwitse y'umuhuza;
- Kutoroherana kw'impande zombi zihanganye;
- Kubogama kw'umuhuza;
- Kutabona ibintu kimwe;
- Kudashaka kwiyunga na rimwe.

Ibyiciro umuhuza agomba gucamo kugira ngo akemura amakimbirane

Intambwe A:

5. Gutega amatwi impande zishyamiranye;
6. Gusaba uruhande rumwe gutera intambwe rugasanga urundi ngo bumvikane;
7. Guhitamo ahantu impande zombie zahurira kugira ngo zivugane;
8. Gushyiraho gahunda/ingengabihe (schedule) igaragaza igihe impande zombi zizahurira.

Intambwe B:

5. Gutegura aho impande zombi zihurira;
6. Kubifuriza ikaze;
7. Kubagezaho intego y'uwo mushyikirano;
8. Kubasaba ko ibigiye kuvugirwa aho bigomba kuba ibanga.

Intambwe C: Gusobanura amavu n'amavuko y'ayo makimbirane

7. Buri wese ahabwa umwanya wo gusobanura imvo n'imvano y'ayo makimbirane, mu gihe uruhande rumwe ruvuga, urundi rutega amatwi;
8. Kureka umuntu akavuga, nta kumuca mu ijambo;
9. Gutega amatwi buri wese uvuga, kabishwe n'iyi yaba avugana uburakari;
10. Kwandika ibitekerezo by'impande zombie;
11. Gusesengura imvo n'imvano y'amakimbirane;
12. Kureba niba ayo makimbirane ari aya vuba cyangwa ari aya cyera;

13. Kumva neza ibibazo, impungenge, ubwoba bya buri ruhande;
14. Kumva neza uko buri ruhande rubone imyitwarire (ibikorwa/ amagambo) y'urundi ruhande (interpretation/ perception).

Intambwe D: Gushakira hamwe igisubizo cy'amakimbirane

5. Gusaba impande zombi zihanganye icyakorwa kugira ngo ayo makimbirane ahagarare;
6. Kugaragaza icyo impande zombi zihuriraho nk'igisubizo cy'ayo makimbirane ;
7. Impande zombi ni zo zigomba kugaragaza ibyo bisubizo ;
8. Kugenzura niba ko impande zombi zumvikana kuri ibyo bisubizo.

Intambwe E: Gushyira umukono ku masezerano

5. Kwegeranya ibyagezweho mu gihe cy'umushyikirano;
6. Gushyiraho gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyumvikanweho;
7. Kwandika ayo masezerano mu nyandiko yoroshye buri ruhande rwumvikanaho;
8. Gushyiraho umuntu ushinze gukurikirana ishishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano;
9. Gusoma inyandiko y'amasezerano yagezweho.

2. Ubwumvane mu rwego rw'ubuhuza

Ubwumvane (effective communication) bubaho gusa igihe uteze amatwi yumvise neza/yasobanukiwe mu buryo buri bwo ubutumwa uvuga yashatse gutanga maze n'uwari uteze amatwi yavugaga, bikaba bityo; iyo bibaye ukundi, nta bwumvane buba bwabaye. Ubwumvane butuma uteze amatwi asobanukirwa *ibyifuzo, ibikenewe, ibitekerezo, impunge/ubwoba, n'amarangamutima* by'uvuga. Ibi bigatuma uteze amatwi yumva ishingiro ry'ibivuzwe n'uwari ufite ijambo. Uvuga akoresha imvugo n'ibimenyetso bigaragarira ku bice by'umubiri nko kurebana umujinya, kuzunguza intugu/intoki n'umutwe, kuzinga iminkanyari, ubutumwa bwe; ibi bikaba bigomba kwitabwaho mu guhuza impande zishyiranyeye.

Urugero/Case No 2:

Mu mudugudu hatuye umugabo na mushiki we. Buri umwe arubatse. Ababyeyi babo barapfuye. Umunsi umwe umukobwa yegera musaza we, ni ko kumubwira ati “ Ndifuza ko tugabana isambu ababyeyi bacu basize kuko n'itegeko rinabishimangira. Mu by'ukuri uno mugabo iri tegeko ararizi. Amaze kubwirwa ayo magambo, muri we yahise yibwira ko mushiki we atiteguye kugira ikindi avugana na we kitari ukugabana iyo sambu, ko ndetse yiteguye kumushyikiriza inkiko aramutse yibeshye akanga ko bagabana. Akimara gutekereza atyo, uwo mugabo yahise asubiza mushiki we aya magambo: ‘Genda undege aho ushaka.’ Mushiki we ahita afatwa n'umujinya, arataha; atangira gahunda yo kurega musaza we. Ubu bafitanye amakimbirane amaze gufata intera yo hejuru ku buryo nta we uzi uko bizagenda.

Umwitoto mu matsinda:

- a. Musuzuma impamvu yatumye habaho aya makimbirane.
- b. Ese uriya mugabo yaba yarumvise ubutumwa mushiki we neza nk'uko yashakaga kubutanga?
- c. Niba atari byo se, uriya mukobwa yagombaga gutanga ubu butumwa gute?
- d. Ikibazo nk'iki hari aho mukizi?

e. Uyu mwitozo utwigishije iki, cyane cyane mu bijyanye no gukemura amakimbirane/guhuza abantu?

3. Gutega amatwi:

Nk'umuhuza, iyo unaniwe kumva neza ibyo impande zihanganye zivuga; biba uburyo bwiza bukubuzza guhuza izo mpande. Niba ushaka guhuza izo mpande koko, ugomba kuzitega amatwi zivuga, usibye kumva ibivuzwe ahubwo ugasobanukirwa icyo ibivuze bishatse kuvuga ndetse ukanumva neza uko uvuga yumva amerewe bitewe n'ibyo avuga.

Uko witwara ngo wumve neza

- **Banza witegura neza neza, ku buryo nta kibazo cyangwa igitekerezo na kimwe ugira mu mutwe kinyuranye n'igikorwa cyo guhuza urimo cyangwa ugiyemo;**
- **Wigira ikindi kintu ukora, kitari ugutega amatwi uvuga, muhange amaso;**
- **Irinde kurogoya uvuga;**
- **Irinde kugira uruhande na rumwe ufata ko ruvugisha ukuri cyangwa rubeshya;**
- **Ntuzagire uruhande na rumwe ugaragariza ko urushyigikiye cyangwa utarushyigikiye.**

Uvuga agomba:

- kuvuga neza atobora;
- kurasa ku ntego;
- kwirinda gukikira ibintu, avuga mu marenga;
- kuvugisha ukuri;
- kureba uwo abwira;
- kutabangikanya igikorwa cyo kuvuga n'ikindi;
- guhabwa ubwisanzure buhagije bwo kuvuga, gusa ntabwo agomba kwizimba mu magambo/kugarura ibintu bisa. Bibaye bityo, umuhuza yamwibutsa ko ikibazo agaruye yari yamaze kukivuga.

Icyitonderwa: mu gihe cy'ubuhuza, uruhande ruri mu makimbirane rudafite ijamba rugomba na rwo gutege amatwi kugira ngo na rwo rusobanukirwe ibivugwa aho kumva gusa ibivugwa.

Urugero/Case No 3:

Yakobo na Jani bafitanye amakimbirane ashingiye ku butaka. Petero akaba ari umuntu uragerageza kubahuzza, ngo abunge. Bose uko ari batatu bateraniye aho baganirira ibibazo byabo. Petero ahaye umwanya ngo avuge ikibazo. Mu gihe uyu Jani asobanura ikibazo, Petero ari we muhuza ari kugira atya agacishamo akavugira kuri terefone, ari na ko anohereza abantu ubutumwa. Mbese Petero ahangayikishijwe n'uko uruganda rwe rw'inzoga rutemewe rushobora gufunga. Ni byo biri kugenda bimugarukamo mu mutwe. Jani ahise azamura impamvu nyamukuru ituma ikibazo cye na Yakobo kitarangira aho agize ati: 'Impamvu ituma ikibazoc yacu cy'ubutaka kitarangira ni ubugoryi bw'uyu Yakobo. Jane ati: 'Ikibazo cyanjye ni icyo.' Yakobo atangiye kwisobanura. Cyakoze n'ubundi imyitwarire ya Petero ikomeza kuba ya yindi. Mu gusubiza igitutsi yatutswe, Yakobo na we ati: 'Ja, nta kigoryi nkawe ndabona kuri iyi si.' Ku bw'impanuka, Petero aba arabyumvise, ni ko kubwira Yakobo ati: 'Ntiwongere gutukana.' Yakobo ahise arakara, none ahise yigendera, avuga ko atazabisubiramo.

Ibibazo kuri uru rugero :

Ni iki gitumye havuka kiriya kibazo?

None bikomeje bitya, ano makimbirane yazarangira?
Ni ukuhe kuntu kundi byakorwamo ariko ano makimbirane akarangira?
Ibi hari aho mubizi mu buzima busanzwe?
Ni irihe somo biduhaye?

4.Guhangana n'imihangayiko (stress)

Kaba ari kangahe wumvise ubabaye/uhangayitse bitwe no kutumvikana n'uwo mwashakanye, abana, umuyobozi, incuti, bagenzi bawe mukorana hanyuma ugakora cyangwa ukavuga ikintu waje kuzicuza nyuma?

Ubundi ubuzima bubamo ingorane cyangwa ibintu bishobora kubuza umuntu amahoro mu mutima ku buryo yumva rwose adatekanye na gato.

Hari n'ubwo uhura n'ikibazo gikomeye, kigatuma wumva urwaye nk'umutwe, igifu cyangwa kino kibazo kigatuma uhora wumva ubabaye, ufite agahinda, urakaye; yewe, hari n'ubwo ubura ibitotsi. Muri rusange umuhangayiko ushobora gutuma umuntu ayoba cyangwa akayobya abandi, umuntu ashobora no gutuma atumva neza ibyo abandi cyangwa akavuga ibyo na we ubwe atumva neza cyangwa atabanje gutekerezaho. Umuhuza rero agomba kuba atuje kugira ngo abashe guhuza abandi, niba hari ibibazo afite bimuhangayikishije; bishobora gutuma ubuhuza bugenda nabi. Ni byiza ko uhuza yinjira mu gikorwa cyo guhuza yabanje gufata umwanya wo gutuza.

Urugero/Case No 4

Umugabo n’umugore we bananiwe kumvikana ngo bagurisha isambu yabo. Umugabo yifuza ko bagurisha ariko umugore akabigarama. Bafashe icyemezo cyo kwegera umuturanyi wabo ngo abumvikanishe. Uno muturanyi wabo abanye nabi n’umugore we kugeza n’aho atagisinzira no guhora arwaye umutwe. Mu gihe umugore atangiye kuvuga ikibazo cye, uno muturanyi ugiye kubahuzza arasa n’udakurikiye kubera ko ubwo uno mugore yari atangiye kuvuga ikibazo cye uyu mugabo na we yahise yibuka iby’iwe, ubwo umutwe uratangira umuramukweshura. Nya mugore abonye ko umuhuza adakurikiye, ni ko kuvuga ati: “Umenya udashaka ko ikibazo cyacu gikemuka.” Uno mugore akirekanya ayo magambo, umuhuza na we ahita amushyirira andi magambo atabanje gutekereza. Umugore bihita bimurira maze ahita ataha.

Ibibazo kuri runo rugero

1. Urugero nk’uru hari aho mwaba muruzi
2. Mugerageze kwerekana ihuriro hagati y’imyitwarire y’uno muhuza muri runo rugero n’ibibazo by’imibanire mibi afitanye n’umugore we.
3. Uru rugero rwaba rutwigishije iki?
4. Uno muhuza yagombaga kubigenza ate?

5. Kuyobora amarangamutima:

Ubundi amarangamutima mabi (nk’uburakari, ubwoba, impungenge, agahinda/igikomere cyo mu mutima, ububabare, ipfunwe n’urwango) n’amakimbirane ntibijya bisigana. Umuhuza rero agomba guhangana n’ano marangamutima ku mpande zombi, akazifasha kuyobora ayo marangamutima aho kuyoborwa na yo. Bumwe mu buryo bwo kwifashisha aha ni ukubafasha kumenya ko ayo marangamutima bayafite, ntibakore nk’aho batayafite kandi mu by’ukuri bayafite ndetse bagafata n’umwanya wo kumva ukuntu bamerewe mu mutima kubera ayo marangamutima.

Ubundi ibintu bibi abantu akensho bakora babikoresha n’ayo marangamutima ku buryo unababajije batagusobanurira impamvu babikoze kubera ko baba batanatekereza ko amarangamutima ari yo asigara abayobora.

Ntuzavuge: **Nari kubabara na jye iyo biba ari jye byabayeho/ Ni byo rwose ndumva ukuntu biteye agahinda.**

Uzavuge: **Ndabona usa n’ubabaye/ Biragaragara ko wamaze imyaka n’imyaka ufite agahinda.**

Urugero/Case No 5:

Politiki y'igihugu y'ubutaka ivugako:

- Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bumwe bwo kugira ubutaka;
- Ubutaka bushobora kwandikishwa kandi bukaba bwagurishwa
- Imikoreshereze y'ubutaka ishingiyeye ku cyemezo cy'umutungo hakurikijwe uburyo bw'iyandikisha ryabwo.

Itegeko ry'ubutak ryo muri 2013 rivuga ko:

- Ubutaka ni umurage rusange, ariko Leta niyo yonyine ifite ububasha bw'ikirenga bwo gutanga no gukoresha ubutaka
- Leta ishobora kwimura abantu ubutaka bw'abantu ku giti cyabo ku nyungu rusange Uburenganzira ku butaka bushobora guhererekanywa hagati y'abantu biciye mu izungura, impano, umurage, umunani, gutizwa, ingwate, ingurane, gutangwaho inzira, isaranganya cyangwa se ubundi buryo bw'iherekanya..
- Gutanga uburenganzira ku butaka bw'umuryango bisaba **ubwumvikane** bwa buri wese bw'abawufiteho uburenganzira

Ubutaka bushobora kugabagabanywa icyo ikigabanyijwe kitari munsu ya hegitari

Kungurana ibitekerezo :

Bisobanuye iki gutunga umutungo ? Utunze umutungo ashobora kuwukoresha ndetse no kuwutanga ho ubundi burenganzira? Gutunga umutungo w'ubutaka ntibisobanuye ko atunze

n'umutungo kamere , nk'amabuye y'agaciro ari kuri bwo cyangwa ari munsu yabwo. Ubu burenganzira bushobora gutangwa mu buryo butandukanye buteganyijwe n'andi mategeko. Ni ubuhe burenganzira bwite bwa nyir'ubutaka? Uburenganzira burengerwa hanitawe no ku bundi, ariko amabwiriza ya leta akaba ari yo akurikizwa.

Ni ubuhe burenganzira bwa Leta? Leta niyo ifite uburenganzira bwo gucunga ubutaka rusange bw'igihugu hakurikijwe inyungu rusange. Leta ifite kandi uburenganzira bwo kwimura abantu ku butaka bwabo ku nyungu rusange habanje gutangwa ingurane ikwiye. Ingurane ikwiye ni iyihe?

Ikoreshwa rusange ni iki? Inyungu rusange ni iki? Aha uhugura azaba aganisha ku Itegeko ryo kwimura abantu ku nyungu rusange. Igitekerezo cy'umushinga urimo igisobanuro cy'uko uwo mushinga ugamije inyungu rusange kigomba gushyikirizwa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe iby'ubutaka cyangwa se Komite nyuma bikaza kwemezwa. Akarengane kabaho kuri ibyo gashyikirizwa na none iyo Komisiyo. Leta igomba gusobanurira abaturage akamaro k'uwo mushinga n'impamvu zo kwimura abantu ku nyungu rusange. Aha abahabwa ibiganiro bashobora gutanga ibitekerezo ku mishinga iri mu nyungu rusange.

ii) Iriburiro ku iyandikisha ry'ubutaka (iminota 30)

Isomo

Plotiki y'Igihugu y'ubutaka ivuga ko imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka igomba kuba ishingiye ku iyandikishwa ry'icyenmezo cy'umutungo. Hakurikijwe Itegeko ry'Ubutaka ryo muri 2013, kwandikisha ubutaka ni Itegeko

Gahunda y'iyandikisha ry'ubutaka yashyizwe mu bikorwa kugira ngo ubutaka bubarurwe kandi ibyemezo byandikwe mu mazina y'abatunze ubutaka. Ibi bikorwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere (RNRA). Hakurikizwa uburyo 7 (bugomba kwandikwa ku kibaho).

Kwandikisha ubutaka bikorwa mu buryo bukurikira

- Gusohora ifishi ikoreshwa
- Ubukangurambaga ku iyandikisha ry'ubutaka
- Kwerekana imbibi no kwemeza uhatuye: kureba imbibi z'ubutaka no kwandikira ubufite n' amakimbirane yaba ahari.
- Kubishyira ahagaragara no gusuzuma : kwemera ibisobanuro ku makimbirane no kwakira ibindi bisobanuro
- Gukemura amakimbirane
- Iyandikisha no gutanga icyemezo

iii) Iyandikisha no gutanga icyemezo (isaha 1)

Isomo

Umukozi w'ibarura ry'ubutaka yoherejwe muri buri gace gushushanya no gushyira ho imbibi atambagira buri kibanza/umurima ari kumwe na nyira cyo, abaturanyi n'abayobozi n'umukuru w'Umudugudu. Ayo makarita ari kuri buri biro y'Akagari.

Umukoro : Buri muntu uhugurwa agomba kugira kopi y'ikarita iriho amazina Uhugura agomba kubaza niba hari ushobora kubona pariseli ya rimwe mu mazina ari ku ikarita nyuma bakaganira ku buryo basoma iyo karita

Isomo : Nyuma yo gushyira ho imbibi, abantu bashobora guhakana izo mbibi. Nyuma yuko buri kimbirane ryumvishwe, ufite ikimbirane ku butaka yishyura amafaranga 1.000 yo kuryandikisha, agahabwa iyemezabwishyu. Amakimbirane akandikwa mu gitabo cyabugenewe.

Umukoro: Buri uhugurwa ahabwa kopi ya paji 1 y'igitabo cyandikwamo amakimbirane. Uhugura agomba gusobanura buri gasanduku n'icyanditse mo. Buri uhugurwa agomba kureba kuri ya paji y'igitabo cyandikwamo amakimbirane

Aha, uhugura agomba gusobanura ko abantu benshi badafite izi nyandiko, akaba ari yo mpamvu hashobora kubaho urujijo n'amakimbirane kuri nyir'ubutaka n'ubwo bwanditse.

Isomo : hariho ubwoko 2 bw'ibyemezo ku burenganzira ku butaka:

- Impapuro mpamo z'umutungo bwite w'ubutaka
- icyemezo cy'iyandikisha ry'amasezerano y'ubukode burambye

Icyemezo cy'umutungo bwite bisobanura ko nyir'icyemezo ashobora gukoresha ubutaka, kubutanga ho ubundi burenganzira igihe cyose abishakiye mu buryo bukurikije amategeko n'amabwiriza. Ubutunze ntagomba kurenza hegitari 5 ku butaka bukoreshwa (mu itegeko ry'ubutaka rishya ryo muri 2013)

Ubukode burambye ni amasezerano y'igihe kirekire leta igirana n'umuntu kugira ngo akoreshe ubutaka anasarura ibibukomokamo ariko akayishyura igiciro bemeranijweho. Ayo masezerano aba ari hagati y'imyaka 3 na 99, ashobora kongerwa kandi ashobora kugurishwa

Izi ni zo mpapuro mpamo zatanzwe mu gihe cy'iyandikisha ry'ubutaka.

Ubukode burambye bwuzuye bugira inyandiko enye : Amasezerano y'umwimemerere y'ubukode, kopi y'ayo masezerano, impapuro mpamo z'amasezerano y'ubukode burambye, n'igishushanyo cy'umutungo w'ubutaka. **Kwerekana buri fishi**

Impapuro z'ubutaka zandikwa n'Umubitsi w'impapiro mpamo z'ubutaka

Kungurana ibitekerezo : ni iyihe mpamvu yo kwandikisha ubutaka ?

Ibisubizo bishoboka kuza byihuse.: bitanga icyizere n'umutekano kuri nyir'ubutaka, bigabanya amakimbirane ashinigiye ku butaka bigatuma abantu bamenya imbibi z'ubutaka bwabo, byongera agaciro k'ubutaka kandi bikarengera na ba nyir'ubutaka.

Ni ukubera iki ubukode bugera ku myaka 99 gusa? Mu gihe bushobora kongerwa, imyaka 99 ni bwo bukode burebure bushoboka

1.2 Uburenganzira bw'abagore ku butaka (amasaha 3)

Intego : kumvikanisha icyo ari cyo uburenganzira bw'abagore ku butaka, nk'abagore bashyingiranywe, abana b'abakobwa, abapfakazi, n'ababana batarashyingiranywe

i) Uburenganzira bungana

Isomo : Itegeko Nshinga ry' u Rwanda n'Itegeko ry'ubutaka ryo muri 2013, yombi avuga ko ivangura iryo ari ryo ryose , ryaba irishingiye ku gitsina, bijyanye n'uburenganzira k'ubutaka

ribujijwe. Ibi bivuga ko buri wese wandikishije ubutaka afite uburenganzira ku butaka, yaba umugore cyangwa umugabo, yaba yarashyiranywe cyangwa atarashyiranywe .

Itegeko ry'ubutaka ryo muri 2013 rivuga ko kugira ngo utange uburenganzira ku butaka, ababufiteho uburenganzira banditseho bagomba **kubyemera**.

Kungurana ibitekerezo: Ni ukubera iki hagomba kubaho ukwemera kwa buri wese wanditse ku butaka? Haba hari imbagamizi zihari?

Imitungo y'abashyiranywe

Isomo

Nk'uko byavuzwe mbere, imitungo y'abashyiranywe igengwa n'Itegeko rigenga imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura, ririmo ruvugururwa. Itegeko ry'ubutaka ryo muri 2013, rivuga ko umugabo n'umugore bashyiranywe byemewe n'amategeko bafite uburenganzira ku butaka hakurikijwe uburyo bw'imicungire y'umutungo bahisemo. Iri tegeko rirengera abashyiranywe hakurikijwe amategeko mbonezamubano, by'umwihariko, Itegeko ry'umuryango, ibi bikaba bitareba ababana bashyiranywe ku muco cyangwa abibanira batarashyiranywe.

Ku babana bashyiranywe, hari ho uburyo butatu bw'imicungire y'umutungo wabo:

- **Ivangamutungo rusange:** abashyiranywe bashyira hamwe umutungo wabo wose n'imyenda/amadeno bakabigira ho uburenganzira bungana
- **Ivanguramutungo risesuye :** Buri wese mu bashyiranywe agumana umutungo w'ubutaka yabonye mbere yo gushyiranywa n'uwo azabona nyuma y'aho babana, bakumvikana ku bitunga urugo.
- **Ivangamutungo w'umuhahano:** abashyiranywe bashyira hamwe umutungo n'imyenda/amadeno babona nyuma yo gushyiranywa. , buri muntu akagumana umutungo we yari afite mbere yo gushyiranywa.

Mu buryo ubwo ari bwo bwose, kugira ngo abashakanye baharanire uburenganzira bwabo, bugomba kuba bwanditse.

Kungurana ibitekerezo: niba umugore yishyuye 40% mu kugura umutungo w'ubutaka, umugabo akishyura 60%:

- Ni nde utunze uwo mutungo w'ubutaka mu gihe bari mu ivangamutungo rusange?
Baba bawufatanyije bombi.banawufiteho uburenganzira bungana
- Ni nde waba awufiteho uburenganzira mu gihe baba bari mu ivanguramutungo risesuye?

Buri wese atwara igice cy'ubutaka yaguze, ni ukuvuga umugore aba abufiteho 40%, naho umugabo akaba afite ho 60%.

- Ni nde waba ubufite mu gihe bari mu ivangamutungo w'umuhahano?
Baba bafite uburenganzira bungana hatitawe ku ruhare buri wese yatanze bawugura..

Ni ubuhe burenganzira bw'umugore utarandikishije ubutaka ? Umugore ntaba afite uburenganzira bufatika, mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'imicungira y'umutungo yaba yarahisemo. Ariko mu ivangamutungo rusange, umwe mu bashyingiranywe ashobora gusaba uburenganzira bwe ku butaka ubwo ari bwo bwose, apfa kuba ashobora kugaragaza amasezerano y'ubushyingiranwe. Ibi bivuze ko buri wese mu bashyingiranywe agomba kwandikisha uburenganzira bwe ku butaka hatitawe ku buryo bw'imicungire y'umutungo.

Ni ubuhe burenganzira bw'umugore uba atarashyingiwe? Kimwe no mu bushyingiranwe bwemewe n'amategeko, umugore afite uburenganzira ku butaka mu gihe yabwiyandikihsijeho kandi abifitiye n'ibimenysto by'uko yabwiyandikishijeho.

Nyamara nk'uko biteganywa n'ingingo ya 39 y'Itegeko n° 59/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iyo umwe mu babanaga batarshyingiranywe ashatse kugira uwo bashyingiranwa, yaba mu bo babanaga cyangwa ashatse undi, uwo ugiye gushyingiranwa byemewe n'amategeko agomba kubanza kugabana n'uwo cyangwa n'abo babanaga umutungo bafatanyije cyangwa se bahuriyeho. Iryo gabana rikaba ritagir aicyo rihungabanya ku burenganzira ku babyeyi babo bombi

Izungura :

Isomo : hari ho uburyo bubiri bw'izungura :

- Izungura ridakurikije irage mu gihe uwapfuye ntaryo yasize akoze
- Izungura rikurikije irage bisobanuye ko uwapfuye aba yarasize irage

Nk'uko biteganywa n'Itegeko ryo mu 1999, iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, arazungurwa.

Mu buryo bw'imicungire y'umutungo ubwo ari bwo bwose, uwashyingiranywe usigaye, afite uburenganzira bwo gukoresha inzu yabanaga mo na nyakwigendera n'ibikoresho biyirimo mu gihe ari byo byonyine bari bafite.

Mu ivangamutungo rusange, uwapfakaye asigarana umutungo wose akawucungira abana. Niba nta bana bahari, uwapfakaye azungura ½ cy'umutungo wose, ikindi ½ kigahabwa abazungura ba nyakwigendera mu gihe yongeye gushaka cyangwa se apfuye.

Mu ivanguramutungo risesuye, abana nibo bazungura mbere, haba nta bana bahari, izungura ry'umutungo rikurikiz aurutonde rw'abazungura ruteganywa n'ingingo ya 66 y'iryo tegeko. Muri ubu buryo, uwapfakaye acungira umutungo abana.

Mu ivangamutungo muhahano, umutungo bahuriyeho, ucungwa nk'aho bari mu ivangamutungo rusange naho uwo badahuriye ugacungwa hakurikijwe ivanguramutungo risesuye. Mu gihe ababyeyi bose bapfuye, abana bose bemewe n'amategeko, baba bakobwa cyangwa abahungu, bafite uburenganzira bungana ku mutungo w'ababyeyi babo hatitawe k'ubushake bw'ababyeyi. Ibi bivuze ko abana bavutse ku babyeyi batasezeranye bashobobra kuvanwa mu izungura keretse iyo bemejwe n'amategeko.

Impano

Donations

Impano ni igikorwa umuntu akora agenera undi muntu ku mutungo we nta kiguzi cyangwa se indi mpamvu. Umuntu yemerewe gutanga umutungo we ariko ntarenze 1/5 cy'umutungo we wose mu gihe afite abana, niba nta bana afite akaba yatanga impano ariko ntarenze 1/3 cy'umutungo we wose.

Umunani

Umunani ni kimwe mu bice bigize impano zemewe n'Itegeko . ni impano ihabwa abana uyitanga akiriho. Nk'uko byavuzwe haruguru, utanze umunani ntagomba kurenza 1/5 cy'umutungo we wose harimo n'ubutaka.

Itegeko ry'izungura riteganywa ko umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa bafite uburenganzira ku munani. Ibi bivuze ko ababyeyi babo bahitamo icyo babaha batanga impano. Ariko nta tegeko rivuga uko iyo mpano iba ingana.

Kunguran ibitekerezo:

Kubera iki hariho imbibi z'impano zidashobora gutangwa? Kimwe mu bisubizo ni uko ntawe ugomba gutanga umutungo we wose ngo asigare ari umutwaro kuri Leta cyangwa se ngo ananirwe gusozwa inshingano ze. ikindi gisubizo ni uko utanga atagomba gutanga byose kuko hari abazungura be baba bakiriho.

Umukoro: gutegura ikiganiro kigufi ku ngingo irebana n'ubutaka cyangwa umutungo (iminota 5)

Umunsi wa 2: Inzego z'ibanze n'izindi bakorana

Intego nkuru: kumenya inzego zikora ku butaka n'uburyo wazigeraho, n'uburyo bwo gukemura amakimbirane.

Inzego z'ibanze n'izindi bakorana (Amasaha 2)

Intego : kumenya inzego zihari ku bafashamyumvumvire n'ababagana

Isomo: kugaragaza ry'inzego : abahugurwa bagomba gusoma icyo buri rwego rukora byaba ngombwa bakaba za n'ibibazo.

Kungurana ibitekerezo: ni gute abafashamyumvire n'abagenerwa bikorwa cyane cyane abagore babona amakuru ajyanye n'amategeko y'ubutaka n'umutungo? Ni nde abafashamyumvire basanga cyangwa babaza ibijyanye n'impapuro mpamo z'ubutaka n'ibijyanye nabwo?

2) Imfashanyigisho ku bijyanye no gukemura amakimbirane (amasaha 4)

Intego; gusobanukirwa

- Uruhare n'inshingano by'inzego zikemura amakimbirane.
- Ni gute abantu bagera kuri izo nzego zikemura amakimbirane n'uburyo ibyemezo bishyirwa mu bikorwa.

a) Inzego zikemura amakimbirane (amasaha 3)

Intego:

- gusobanurira abafashamyumvire ku bijyanye no guhitamo uburyo bwo gukemura amakimbirane ku butaka
- Gusobanukirwa ibijyanye no gukemura amakimbirane mu buryo bwimbitse.

Isomo: Twamenye uyu munsi n'ejo ingingo zitandukanye ku bijyanye n'uburenganzira ku butaka n'izungura. Ibi byose bikaba bishobora gutera amakimbirane.

Kungurana ibitekerezo: Ni ayahe makimbirane ajyanye n'ubutaka? Bakabyandika ku kibaho. Ingero zimwe zishobora kuba zishingiye ku izungura, umunani, imbibi, kugurisha ubutaka cyangwa se uburyo bw'iyandikisha ry'ubutaka

Isomo : Kwanzura ku bwoko bw'ikimbirane, hari akemurirwa ku nzego zo hasi n'akemurirwa ku nzego zo hejuru.

Kungurana ibitekerezo: Ni izihe nzego zidateganijwe n'amategeko zikemura amakimbirane akemurwa

Isomo : Ku by'amakimbirane ku butaka, muri rusange abantu bajyana amakimbirane yabo mbere na mbere mu muryango cyangwa se ku mukuru w'umudugudu. Amakimbirane atashoboye gukemuka neza ashidikirizwa umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari., ushobora kohereza ikimbirane mu bunzi cyangwa se mu nkiko mu gihe abafitanye ikibazo batuye mu tugari dutandukanye.

a.i) Abunzi (amasaha 2)

Isomo (iminota 20): Urwego rw'Abunzi rushingiye ku gukemura amakimbirane bishingiye ku mucu, bikaba bishimnagirwa n'itegeko ryanditse: Ingingo ya 159 y'Itegeko Nshinga no mu mategeko agenga urwego rw'Abunzi yo muri 2006 n'iryo muri 2010. Igiterekerezo cy'urwego rw'Abunzi giha abaturage inshingano yo kubaka amahoro ku rwego rw'ibanze. Urwego rw'Abunzi rugizwe n'Abunzi batowe mu gihe cy'imyaka 5 gishobora kongerwa rimwe.

Abunzi bafite ububasha bwo gukemura amakimbirane atandukanye harimo amakimbirane y'umutungo w'umuryango utarenze miliyoni 3 y'amafaranga y' u Rwanda. Ku bubasha bushingiye ku ifasi y'abaturanyi bari, Abunzi bafata imyanzuro ku kibazo kireba abantu batuye mu Kagari kabo cyangwa umurenge wabo.

Niba Abunzi basanze bafite ububasha, ikibazo baragisuzuma mbere y'uko kizashidikirizwa inkiko zisanzwe.

Kungurana ibitekerezo (iminota 20): Ni izihe nyungu zo gukoresha uburyo bwo gukemura amakimbirane ku rwego rw'ibanze? Ni izihe mbogamizi mu gukemura amakimbirane ku rwego rw'ibanze? Kungurana ibitekerezo ku ihame ry'ubutabera bwunga/bwubaka

Isomo (iminota 20) : Hari inzego 2 z'Abunzi: abunzi bo ku rwego rw'Akagari n'Abunzi bo ku rwego rw'Umurenge rushinzwe ubujurire. Gushushanya izi nzego ku kibaho. Amwe mu mabwiriza akurikira :

Komite y'Abunzi igizwe n'abantu 12 batowe ku rwego rw'Akagari kuri manda y'igihe cy'imyaka 2

Nibura 30% bagomba kuba ari abagore;

- Komite iyoborwa na perezida watowe, Visi Perezida n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari uba ari umwanditsi w'iyi komite
- Abagize iyi komite bagomba kuba bafite ubunyangamugayo kandi banafite ubumenyi mu byo kunga abandi.

Abunzi bakemuramakimbirane bagamije guhuza impande zombi. Ibi bisobanuye gusaba impande zishyamiyanye kwiyunga. Ibi bisaba kubafasha kukugera ku bwumvikane bwo kwiyunga kandi bubaha n'uburenganzira bwa buri wese. Niba badashoboye kwiyunga, Abunzi bazareba ibiteganywa n'amategeko n'umuco mu gihe hafatwa umwanzuro ku kibazo. Ni ngombwa ko umwanzuro ugomba kuba utanyuraniye n'itegeko ryanditse. Uwo mwanzuro uba wemewe mu buryo bw'amategeko.

Kungurana ibitekerezo (iminota 20): Ni izihe nyungu zo guhuza abantu? Hari ingaruka mbi zaba zihari? Kubera iki hari igihe habaho kubuza kwisunga umuco mu kunga abantu mu kibazo runaka?

Bimwe mu byiza byo guhuza abantu ni uko byihuta mu kubishyira mu bikorwa kandi bikazana imibanire myiza mu miryango. Mu ngaruka mbi ni uko umuco udakurikije itegeko, ushobora gutuma amakimbirane yiyongera kandi abanyantege nke mu muryango bakumva ko bashyizwe ho igitugu cyo kwemera igisubizo aba atemeranywa na cyo.

Gukumira ikoreshwa ry'umuco uteri mwiza ni ukugira ngo habeho kubahiriza amwe mu mahame y'amategeko yanditse, nk'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo bikubahirizwa.

Isomo : Mu bunzi 12, abafitanye amakimbirane bumvikana k'Ubunzi 3, bitaba ibyo, buri umwe agahita mu umwunzi umwe , abunzi babiri batoranyijwe bagahitamo undi wa gatatu bafatanywa. Abandi bunzi bashobora kumva urubanza ariko ntibashobora gufata icyemezo. Iburanisha rikorerwa mu ruhame. Abunganizi n'abatangabuhamya bemerewe kuba bahari ariko ntibashobora guhagararira uburana.

Abunzi bashobora kugera ku mwanzuro ubwabo cyangwa se bitabaye ibyo, hagakurikizwa ubwisanzure bw'amajwi. Umwanzuro wanditse ushyirwaho umukono n'Abunzi n'abafitanye amakimbirane kandi ukaboneka bitarenze iminsi 10.

Umwanzuro wafashwe ushobora kujuririrwa ku rwego rw'Umurenge ugasuzumwa ku by'impande zombi zitumvikanyeho

Umukoro (iminota 40): Abahugurwa bazahabwa umwitozo ku kibazo cy'umwitozo, bashyirwe mu matsinda 2, rimwe ry'ababurana 2 n'iry'Abunzi 12. Bakoresheje ibyo bahuguwe ho, ababuranyi bazasobanura ikibazo cyabo naho Abunzi bo bazafasha mu gufata umwanzuro.

Participants will be given the facts of a case (handout two) and divided into two groups with two disputants and twelve *abunzi* members per group. Using what they have learned in the training, disputants will argue their cases and the *abunzi* members will come to a decision.

ii) Inkiko zisanzwe

Isomo : Niba umwe mu bafitanye ikibazo yanze umwanzuro w'Abunzi , ikibazo gishobora kujuririrwa mu nkiko zisanzwe mu gihe kitarenze ukwezi kumwe . .

Kujuririra mu rukiko rw'Ibanze, ujurira agomba kwishyura amagarama y'urukiko. Ayo magarama ubu akaba yariyongereye agera ku mafaranga y'U Rwanda 25.000 avuye ku 2.000. Imyanzuro iturutse mu Bunzi igomba gutangwa mu Rukiko.

Kungurana ibitekerezo: Ni izihe mpamvu zimwe zishobora gutuma abantu bajya mu nkiko zisanzwe? Ni zihe mpamvu zindi zishobora gutuma batajya mu nkiko? Ni gute Abafashamyumvire babigira mu uruhare mu gihe ari ngombwa?

b) Kugeza ikibazo ku Bunzi no gushyira mu bikorwa imyanzuro(isaha 1)

Isomo : Kugera ku rwego rw'Abunzi nti bigomba kuba imbogamizi. Nta mafaranga yishyurwa, kandi urwo rwego rwegerereye abaturage. Gutanga ikirego, umuntu ashobora kugitanga mu nyandiko cyangwa mu mvugo, mu nshamake, bishyikirizwa umwanditsi w'Abunzi ariwe Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari. Ikirego kigomba kuba cyacyemutse mu gihe cy'ukwezi kumwe uhereye igihe cyandikiwe.

Cyakora, hari ibibazo 3 bijyanye no gushyikiriza ikibazo Abunzi no gushyira mu bikorwa imyanzuro.

- *Abaunzi bashobora gukenera amakuru ku bijyane n'amategeko n'uburyo bwo gukemura amakimbirane;*
- *Abunzi bashobora kubura uburyo bwo kugera aho ikiregerwa kiri kugira ngo bamenye amakuru afatika ku kiburanwa;*
- *Umwanzuro w'Abunzi ugomba gushyirwa mu bikorwa nyuma y'uko washyizweho Kashi mpuruza y'urukiko rw'Ibanze mu gihe bitakozwe ku bushake.*

Kungurana ibitekerezo : Ni gute abafashamyumvire bafasha Abunzi n'ababagana kugira ngo hafushe kubaho imyanzuro iboneye.? Ibisubizo bishobora kuba hakorwa ubuvugizi kuri Minisiteri y'Ubutabera kugira ngo Abunzi babe bashyigikirwa bikwiye, kandi ababuranyi bagafashwa mu mu kugezwaho amategeko no gukusanya ingingo z'urubanza mbere yo gushyikriza ibirego byabo Abunzi; gusobanurira mbere ababuranyi amatageko akurikizwa n'imikorere y'Abunzi. Ababuranyi bagafashwa n'uburyo bwo gusaba ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro w'Abunzi.

Twibukiranye ko umwunganizi w'ababuranyi atagomba kuvugira umuburanyi mu gihe cy'iburanisha.

Umunsi wa 3

Intego Nkuru : Kwitoza guhagararira umugenerwa bikorwa no kuvuga muruhame

3) Kuvuga mu ruhame (amasaha 4)

intego: kubaka ikizere cyo kuvuga mu ruhame, mu matsinda mu nama z'amashyirahamwe n'imbere y'abantu benshi by'umwihariko gusangira inkuru ku mategeko; no (2) kumva uburyo bwo kugera ku bafatanyaga bikorwa

3.1. Gufashwa kuvuga(iminota 30)

Abahugurwa bose bicara mu ruziga bakavugaga umwirondoro wabo. Uyoboye ikiganiro avugaga ku kuvuga mu ruhame kandi akabaza ibihe abafashamyumvire bashobora kuvuga mu ruhame. Akabyandika ku kibaho. Uyoboye ikiganiro kandi abaza igihe abafashamyumvire bashobora kutavugaga mu ruhame muri ibyo bihe, akabyandika ku kibaho.

3.1.1kungurana ibitekerezo ku nzitizi zo kuvuga mu ruhame

Uhugura agomba kuyobora ikiganiro kigufi ku nzitizi zo kuvuga mu ruhame n'uburyo bwo kuzirinda. Ibi bituruka ku bitekerezo amatsinda y'abahugurwa bagaragaje. Urugero 1: niba ubwoba bwagaragajwe nk'imwe mu nzitizi, uhugura agomba kugaragaza uburyo ugomba kwirinda ubwoba, nko gukora imyitozo no kumenya abo uganira nabo. Urugero 2: niba inzego cyangwa umuco bituma abafashamyumvire bashidikanya kuvuga, ese ibi bishobora kwirindwa kandi umuco ugukurikizwa? Yego, gute?

3.2. Amabwiriza yo kuvugira mu ruhame (iminota 30)

Uyoboye ikiganiro atanga uburyo bukurikira butuma wavugaga mu ruhame:

3.2.1 ubwoba bwo kuvuga mu ruhame ntabwo buvukanwa.

Ibihumbi by'abantu bavuga mu ruhame cyangwa mu matsinda bafite ubwoba buke cyangwa ari nta bwo. Gukora imyitoto hamwe no kwigirira ikizere, bituma utagira ubwoba.

3.2.2. Singombwa ko uvuga neza cyane cyangwa n'ubwenge bwinsi

Ushobora gukora amakosa, ukibagirwa ingingo zimwe cyangwa nturyoshye ikiganiro uvugira mu ruhame. Ikigamijwe kuvuga mu ruhame ni uko ugomba guha abo muganira ikintu cy'agaciro, nk'ingingo y'ingenzi cyangwa igitekerezo gishya atari ukugera ku bintu binoze.

3.2.3 Ugomba kugerageza kuvuga ingingo nke z'ingenzi: ubushakashatsi bugaragaza ko abantu bibuka bike mu nkuru abavuga batanga. Ni byiza kugira ingingo z'ingenzi kuva kuri imwe kugeza kuri eshatu gusa iyo uvuga.

3.2.4 Ugomba kumenya icyo ugamije mbere y'uko uvuga.

Ibuka ko intego yawe atari uko buri umwe akwemera. Icyo aricyo cyose wakora, birashoboka ko hashobora kuboneka umuntu umwe utemeranya nawe cyangwa n'igitekerezo cyawe. Intego yawe ni uguha abo uganira nabo ikintu cy'agaciro. Gishobora kuba igitekerezo gishya, ingingo y'ingenzi cyangwa uburyo bushya bwo gutekereza.

3.2.5 Si ngombwa ko ugira ya shusho y'umuntu uvuga neza mu ruhame

Ni byiza ko ugerageza kuba wowe mu gihe uvuga mu ruhame. Vuga mu buryo bw'umwimerere utagerageje gusa n'undi uwo ari we wese.

3.2.6. Imyitoto ibiri y'ingenzi: Guca bugufi no gusetsa

Ntukagire ubwoba bwo guca bugufi no gusangiza abandi ibyo udashoboye niba ubona hari icyo byagufasha kumvikanisha icyo ushaka kuvuga. Ibi bishora gutuma bakumva kurushaho bakanakwizera. Niba ufite ubwoba bwo kuvuga nta kibazo kwemera ko ufite ubwoba mu ruhame. Kimwe na none kudatinya gusetsa abantu. Gutuma abantu baseka bituma haboneka gushyikirana.

3.2.7 Nta kibazo habaye ikintu kitagenze neza

Ibuka ko buri kintu cyose kibaye gishobora gukoreshwa nk'imbaraga kuri wowe. Niba hari ikitagenze neza, nta kibazo, uhagaritse ukabanza gufata akanya ko kugitekerezaho.

3.2.8 Ibuka ko abo muri kumwe baguteze amatwi bari ku ruhanda rwawe

Kuri benshi, abaguteze amatwi baba bari ku ruhanda rwawe. Abenshi muri bo bagira ubwoba bwo kuvuga mu ruhame kandi bifuzwa ko wabikora neza. Abaguteze amatwi benshi barabyihanganira.

Niba abantu bamwe badateze amatwi, ibuka ko abantu benshi bari ku ruhanda rwawe abandi nabo ugerageza kubagarura mu murongo mu kinyabupfura. Ntukwiriye gutinda cyane kubyo barimo.

3.2.9 Imyambarire

Imyambarire yawe iterwa n'uko muri buganire. Buri icyo wambara giterwa nuwo muganira. Muri rusange, nibyiza ko wambara imyenda isanzwe. Kugaragara neza ni intambwe ya mbere yo gutuma abantu babona ko ushoboye.

3.3 Kwitoza (Amasaha 2))

Uburyo bwiza kugira ngo uvuge neza mu ruhame ni ukwitoza. Niba hari igihe, ibyiza ni uko buri gikorwa kigomba gukorerwa mu Itsinda, ariko niba igihe ari gito, itsinda rishobora kugabanywamo kabiri. Uhugura agomba kugira igihe gito cyo gufasha cyangwa gutanga inama buri nyuma y'uko abahugurwa bafata umwanzuro kuri buri ngingo. Ibisubizo bigomba kuganisha ku ntego y'igikorwa.

3.3.1 iriburiro

Intego nkuru y'igikorwa: Kuvuga neza no kumvikanisha ijwi kandi ukumvawifitiye icyizer mu kuvuga

Uyoboye ibiganiro agomba kuyobora itsinda mu kongera kwibwirana. Iki gihe buri muntu uhugurwa agomba guhaguruka, akavuga mu ijwi riranguruye, bihagije ku buryo buri umwe yumva, akabwira abandi amazina ye, aho aturuka, n'igikorwa kimwe mu buzima bwe cyangwa icyo akunda.

3.3.2 Uburyo bwo kuvuga

Intego nkuru : ***kuvuga neza , ureba abo ubwira no kumenya kwitsa ijwi ahakwiye***

Hejuru y'uko uhugura agomba kubwira itsinda amabwiriza ngenderwaho, yavuzweho haruguru, abamenyereye kuvuga mu ruhame bagomba :

- Kuvuga mu ijwi riranguruye bihagije ku buryo buri wese yumva;
- Guhuza amaso n'abo muganira;
- Gukoresha ibimenyetso (gesture) by'umubiri aho bikwiye.;
- Gukoresha amajwi no kwitsa aho bikwiye (utwatuzo)
- Kugendagenda mu cyumba aho bikwiye

Uhugura ashobora gutangiza gusoma umuvugo. Abahugurwa bagasubira mu Umuvugo rusange hagamijwe kumvikanisha aho abantu bagenda bitsa/kuzamura amajwi no kwitsa aho bikwiye byibuzwe inshuro byibuze uhuhurwa agahuza amaso rimwe n'abo aganira nabo.

Uhugura yereka abahugurwa uko bavugaga umuvugo cyangwa umugani.

3.3.3 Ibikoko bidahari

Intego nkuru: guhuza amaso, kuvuga neza, no kwigirira icyizere

Buri uhugurwa agomba kubazwa byihuse igikoko kidahari asubiza ibibazo bikurikira:

- Urabona gisa gute ? (umubyimba, amenyo, ubwoya, uruhu, amazuru, urusaku rwacyo, ibara, umurizo n'ibindi)?
- Ni inyamabere, ibikururanda, ibiba mu mazi, cyangwa ibiguruka ?

- Biryana iki ? biribwa n'iki?
- Biba hehe?
- Bigira ijwi?
- Ni iki bikoresha bibonye umwanzi wabyo ? kuguruka, koga, kwiruka, gucukura umwobo, kwihinduranya, kurwana n'ibindi?
- Buri uhugurwa agomba gutanga raporo ku gikoko cye kidahari. Uhugura agomba gushimangira ko ibyo bikoko bidahari, abahugurwa bakumva bisanzuye kuko nibi basobanukiwe n'ibyo bavuga.

Ni gute wazamura ubumenyi/ ububasha bw'abafashamyumvire

4.1 Gusangiza

Nk'uko byavuzwe, uhugura agomba kubaza abahugurwa uko bakwiye gufasha umuryango kugira uruhare muri ibi n'igihe bigomba gukorwa. Ibi bikwiye kwandikwa ku kibaho.

4.2, Umukoro

Iki gihe, buri uhugurwa agomba kugeza ibyo yateguye ku bandi. Niba igihe kidahagije, hakwifashishwa amatsinda abiri / abagize itsinda bagatanga ibitekerezo byabo n'uburyo babishishikariza abandi.

Ubumenyi n'Inshingano zaburi umwe (amasaha 2).

Intego:

- Kumenya inshingano z'abafashamyumvire ku babagana.
- Kugerageza gukusanya amakuru n'uburyo bwo gukemura amakimbirane by'ibanze

Isomo:

Ni inshingano zawe gufasha abantu kukwiyumvamo bakakwizera bakuzanira ibibazo byabo bitandukanye.

Ibintu by'ingenzi byo kwibuka ni;

- **Kugira ibanga:** ibiganiro byose ugomba kubigira ibanga . Bisobanura ko ariwowe ubitse ibanga utagomba kubwira uwo ari we wese ibyo mwavuganye. Ibi bisobanuye nanone ko inyangirikiye n'impapuro zose zikwiye kubikwa neza.
- **Ubushishozi :** iyo wiyemeje gufasha ukugana, ukwiye gushoramwo ingufu zisabwa no kugezaho amakuru umunsi k'uwundi ibyo ukorera abakugana.
- **Ukuri:** n'ubwo ukwiye gufata ibiganiro nk'ibanga, ukwiye kubwira ukuri buri wese ukorana nawe. Bisobanuye ko utagomba kubeshya ukugana wese.

Igikorwa (iminota 30)

Kugabanya mu amatsinda abiri, buri muntu muri buri tsinda, akaba yaza gufata umwana wo kuba umugenerwabikorwa, n'uw'umufashamyumvire. Umufashamyumvire akora ku buryo asobanurira umugenerwabikorwa uburyo yatanga inama, harimo ibisobanuro by'ibanga. Uhugura agomba kugenda atanga inama kuri buri umwe. Nyuma y'uko buri muntu akora uwo mukoro, uhugura agomba kubaza itsinda ryose uko bahisemo icyo kuvuga , niba hari ikibazo bafite.

Isomo: Rimwe na rimwe ushobora kubazwa gutanga ubujyanama ku buri umwe bwo gukemura amakimbirane. Ugomba kwibuka izi ngingo z'ingenzi:

3. Ikusanyamakuru

- a. aho bishoboka, gerageza kuvugana na buri umwe uri muri iryo kimbirana n'abatangabuhama cyangwa se n'abandi bitareba..
- b. kwandika mu gihe muri mo kuganira, ibuka kwandika izina ry'uwo muvugana no kumubaza umwirondoro n'ibindi bikenewe. Andika isano ry'uwo bafitanye amakimbirane.
- c. Ntugomba kumena ibanga.
 - i. Ntukavuge ibyo abandi bakubwiye. Uruhare rwawe ni ukutabogama, bityo mu gihe abantu babiri baguhaye inkuru zitandukanye ku kintu, ugomba kubyandika byose mu buryo burambuye.
- d. Abantu bashobora kutagira ubushake bwo gutanga amakuru yose bafite. Menya uko ubaza kandi nturangize ikiganiro utanyuzwe kugeza wumvishe uko uwo wakira atekereza uko acyumva.


4. Guhuza impande

- a. Aho bishoboka, ni byiza gukorana n'inzego z'ibanze n'izindi (urugero: abunzi, inzego z'ibanze,.. umaze gukusanya amakuru, ugomba kuyasangiza abandi bayobozi kugira ngo ubafashe mu gukusanya amakuru afatika
- b. Niba ugomba kunga, ibuka ko udafita ububasha bwo gushyira mu bikorwa umwanzuro uwo ari wo wose. Ibi bisobanuye ko intego nkuru yawe ari nk'iyoy'abunzi ugomba guhuza. .
- c. Kugira ngo impande zombi zigere ku mwanzuro, ni ingenzi ko biyumvamo ko ubateze amatwi kandi ubumva. Ugomba guhura n'abafitanye amakimbirane mu mwanya utuje nko mu biro cyangwa mu rucaca.
 - i. Gerageza kugabanya umubare w'abantu mu gihe uhuza abafitanye amakimbirane kugira ngo abandi bataza kwivanga mu gufata umwanzuro. Abafitanye amakimbirane bagomba kuba bahari. Ushobora guhitamo niba abafitanye amakimbirane bashobora kuzana abunganizi bo kubafasha, ariko ntibashobora kubahagarira cyangwa ngo babavugire. Niba hari abahamya, ni byiza ko baza mu gihe bakenewe
 - ii. Utangira uvuga mu magambo ahinye, uko amakimbirane ateye n'ingingo zitari mu makimbirane. Urugero: ushobora akuvuga ngo Yohani na Patience ntibumvikana ku mbibi zitandukanya imirima yabo. Yohani yazunguye ubutaka kuri se muri 2011, patience agura ubutaka muri 2012. Bombi bemeza ko imbibi zashyizweho mu gihe patience yaguraga ubutaka. Ariko ntibumvikana aho imbibi ziri.
 - iii. Hakurikira ho, buri ufitanye ikimbirane n'undi avuga muri make agaragaza igitekerezo cye.
 - iv. Hakurikira ho kuzana abatangabuhama cyangwa ibimenyetso bumva ari ngombwa. Urugero: muri iki kibazo, ushobora kuzana umukozi ubarura ubutaka cyangwa ikarita yashushanyijwe muri 2012 cyangwa impapuro mpamo z'ubutaka.
 - v. Nk'uko uburyo butamenyerewe, ni byiza kwemerera abakimbiranye gusubizanya cyangwa guhamya, ariko ukora uko bishobotse kugira ngo hataba ho guterana amagambo cyangwa se urusaku , kandi iyo bibaye ngombwa ushobora kubwira umuntu ko aceceka.

- vi. Nyuma y'uko ibimenyetso byose byatanzwe, ushobora kugaragaza icyo wumva ko ari cyo gisubizo kiboneye kandi ukabaza n'abafitanye ikimbirane uko babyumva. Nyuma ushobora gutanga igitekerezo ku buryo imbibi zakozwe mu mwaka wa 2012 bakabyemeranywaho. Ushobora kubafasha kugera ku kumwanzuro ndetse ukabaha n'ibitekerezo.
- vii. Niba hari ubwumvikane bugezweho, ugomba kubwandika kandi ugaha abafitanye ikimbirane n'abatangabuhamya bihitiyemo gushyira ho umukono wabo nawe ugasinya. Niba bishoboka ukabimenyesha abayobozi, nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari.

Kungurana ibitekerezo: ni gute iyi nzira yaba ifitanye isano n'iyimikorer y'Abunzi? Ni gute wayikoresha usabwe guhuza abafitanye amakimbirane?

Handout One: Institutional Framework



Handout Two

Ibikurikizwa: Mu itsinda ryanyu, muhitemo umuntu umwe uzacyina nka Patience n’undi ucyina nka Joseph. Abandi basigaye bazakora nk’Abunzi. Mu guhuza bisanzwe, Patience na Joseph bazahitamo ababunga. Abandi bunzi bose bemerewe kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo. Ibibazo nibibazwa, Joseph na Patience bazagaragaza iibndi bisobanuro bitari byatanzwe ariko byandikwe. anga ibisobanuro byabo ariko byandikwe. Nyuma y’iminota 30’ Abunzi batatu batoranijwe, bagomba gufata umwanzuro kandi ababuranye bakwusinyira

Umwanzuro ukwiye kugira ibi bikurikira:

1. Kumenyekanisha impande zombie;
2. Ikibazo mu nshamake ;.
3. Impaka zatanzwe n’impande zombi.
4. Ibyumvikangweho n’impande zombie;
5. Ibyaba bitumvikangweho n’uruhande rumwe bibaye bihari;
6. Itariki n’aho guhuza impande zombi byabereye.
7. Imikono n’igikumwe by’abafitanye ibibazo ;
8. Amazina y’Abunzi n’imikono yabo ;
9. Amazina n’umukono y’umwanditsi,.

Urugero: Jean –Paul afite hegitari eshano z’ubutaka kandi afite umwana w’umuhungu umwe Joseph, n’umukobwa umwe Patience. Nyina wabo bana yitabye imana imyaka myinshi ishize. Umwaka umwe ushize, Jean Paul yahaye umuhungu we umunani we wa hegitari imwe y’ubutaka kuko yari ashatse umugore. Umukobwa we Patience aracyaba kwa se ntabwo arashaka.

Amezi atandatu ashize, Jean-Paul yitabye Imana aadatanze umurage. Joseph yikubiye za hegitari eshanu z’ubutaka bwa se avuga ko mushiki we Patience yemerewe kubana nawe mugihe atarashaka ariko ko nta mugabane afite k’ubutaka bwa se, Patience ibi byaramurakaje. Ukwezi kumwe gushize Patience yagaragarije kutishima kwe ku muyobozi w’Umudugudu. Umuyobozi yabateze amatwi nyuma aza kuvuga ko Joseph ariwe uri mu kuri.

Patience yakomeje ajya kwa ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w’Akagari yinubira ibyakozwe na musaza we

Igisobanuro cya Joseph: Joseph arasobanura ko, nk’umuhungu wenyine, wubatse kandi ari nka we se wa mushikiwe wasigaye niwe wemerewe umutungo w’umuryango. Ibi bikaba bikurikije umuco. Akomeza avuga ko Patience azashaka mu muryango w’undi uteri uwabo kandi ko bitamushimisha kubona umutungo wabo wajya mu wundi muryango.

Igisobanuro cya Patience: Patience aratangaza ko yumvise kuri Radiyo ngo umwana w’umuhungu n’umukobwa bagomba kugabana umutungo w’Umuryango banganije hatari usumbye undi. Patience arakomeza avuga ko yemera ko byibuze yabona hegitari 2, cyangwa ebyiri n’igice bikurikije uko amategeko abiteganyaga. Akomeza avuga ko kuba azashaka bitamubuza kubona umugabane we.

Tips for Training Cell CRPs (English)

Convening a discussion with Cell CRPs

- Consider whether it is easier to convene a group of Cell CRPs or to have individual discussions with each Cell CRP.
- Consider the timing of your discussion, keeping in mind that Cell CRPs may have job or family requirements.
- Consider the length of your discussion. A half-day should be sufficient, but this might vary based on the availability of your Cell CRPs.

Facilitating a discussion

- Before the discussion, review what you learned on each topic: Core Legal Skills, Land Tenure Regularisation, Institutional Resources, and Client Skills.
- Interactive discussions are more effective than lectures. The discussion should focus on what you learned in the TOT training and how both you and the Cell CRP can utilize this information.
- You should ensure that all Cell CRPs are participating in discussion:
 - Ask and encourage questions and idea sharing, including asking about common land disputes in the Cell CRPs' communities and how these are/could be addressed;
 - Give Cell CRPs time to think about answers to questions before you provide answers;
 - Encourage the participation of those who are quiet by addressing them by name;
 - If someone is doing most of the talking, wait for a pause in his or her speaking, acknowledge the contribution, and then encourage the participation of others.
- Present the important information briefly.
- Where possible, ask questions about Cell CRPs' own thoughts and experiences.
 - Be sure these questions are clear and concise.
 - If a person gives an incorrect answer, acknowledge the effort and then redirect the question to the whole group.
- Be sure to leave time for Cell CRPs to ask questions, both during and after the discussion.
 - If you are asked a question you can't answer, first see if anyone else knows the answer. If no one does, say you will research it and get back to them later.
 - If you are asked a difficult question, break the question into parts and keep your answer precise.
 - If you are asked a question you don't want to answer, be honest and say no.

Following the training

- Just as you did at the TOT training, you should be sure that the Cell CRPs answer the following questions before the end of the discussion:
 1. How will you make yourself available to disputants within your community?
 2. What does successful assistance look like to you?
 3. What challenges might you encounter?
 4. How will you avoid or negate these challenges?
 5. How many disputants would you like to assist within your community?

- Give Cell CRPs the phone numbers for the Haguruka Legal Hotline and the Haguruka Field Officers and encourage them to call with legal questions on behalf of disputants in their communities.
- In addition, you should make a plan with your Cell CRPs for follow-up and assistance. How often will you meet with them? Will you be available for questions?

Tips for Training Cell CRPs (Kinyarwanda)

Uburyo bwo gusangiza abafashamyumvire bo ku rwego rw'Akagali ibyavuye mu mahugurwa

Kugirana ikiganiro na abafashamyumvire ku rwego rw'Akagali

- Ibaze niba wahura nabafashamyumvire ku rwego rw'Akagali bese cyangwa niba wagirana ikiganiro na abafashamyumvire ba buri Kagali.
- Zirikana amasaha yikiganiro, uzirikana ko abafashamyumvire bo ku rwego rwa Akagali bashobora kuba bafite imirimo, cyangwa imiryango yabo ibakeneye..
- Zirikana uburebure bw'ikiganiro.

Kuyobora ikiganiro

- , Mbere yuko utanga ikiganiro, banza urebe mubyo wahuguweho, ureba buri mutwe w'ikiganiro: ibijyanye n'amategeko, kwemeza uburenganzira kubutaka, inzego zibishinzwe n'izikemura amakimbirane, n'ubumenyi bw'abafashamyumvire.
- Gusangira ijambo nibyiza kuruta kwigisha gusa.
- Ikiganiro cyigomba kwibanda kubyo wahuguweho mu mahugurwa agenewe abahugura abandi nuburyo abafashamyumvire ku rwego rw'Akagali nurw'Umurenge babyifshisha babikoresha.
- Ugomba kureba ko abafashamyumvire ku rwego rw'Akagali bese basangira ikiganiro:
 - Babaze kand ubakangurire kubaza no gusangira ibitekerezo, harimo no kubaza ibibazo bijyanye n'ubutaka bikunze kuboneka aho batuye nuburyo bya kemurwa.
 - Abafashamyumvire bahe igihe cyo gutekereza kubisubizo wowe utarabunganira. ;
 - Tera imbaraga abo bacecetse ubahamagara mu mazina yabo;
- Niba umuntu umwe ariwe uvuga, tuza umushimire ibitekerezo atanze ukangurire n'abandi kuvuga.
- Tanga ingingo zingenzi mu magambo magufi.
- Aho bishoboka baza abafashamyumvire ku rwego rw'Akagali ibyo bahura nabyo cyangwa ibyo batekereza. Where possible, ask questions about Cell CRPs' own thoughts and experiences.
 - Itondere ko ibi bibazo byumvikana kandi bifite ireme.
 - Niba umuntu atanze igisubizo cyitaricyo, mushimire uruhare rwe noneho ubaze itsinda ryose.
- Ibuka gusigira abafashamyumvire amasaha yo kubaza mugihe utanga ikiganiro nigihe urangije.
 - Niba ubajijwe ikibazo udashobora gusubiza, banza urebe niba ntawundi ushobora kugisubiza. Niba ari ntawe, babwire kuribuze kubashakira igisubizo ubasubize.
 - Niba ubajijwe ikibazo gikomeye, kigabanyemo kabiri usubize mumagambo magufi yumvikana.
 - Niba ubajijwe ikibazo udashaka gusubiza, vugisha ukuri uvuge ngo oya.

Ukurikije uko byagenze mu mahugurwa

Nkuko mwabigenjeje mumahugurwa agenewe abahugura abandi, ugomba kubaza abafashamyumvire ibibazo bikurikira mbere yuko usoza ikiganiro:

6. Uzigaragariza abafitanye amakimbirane ute aho utuye?

7. Ubufasha buboneye nubumeze gute?
 8. Nizihe mbogamizi ushobora guhura nazo?
 9. Ni gute wakumira izi mbogamizi?
 10. Ushobora gufasha abashyamiranye/abafitanye amakimbirane bangahe aho utuye.
- Ha abafashamyumvire tel za Haguruka bahamagariraho ubuntu niz'umukozi wa Haguruka, ubakangurire guhamagara mu kimbo cy'abafite ibibazo bijyanye n'amategeko aho batuye.
 - Ikindi kandi, ugomba gufasha abafashamyumvire gukora igenamigambi kugirango ushobore kubakurikirana no kubafasha. Ushobora guhura nabo inshuro zingaha? Ushobora kubabonera umwanya wibibazo?